Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

Itegeko / Law / Loi

N° 58/2018 ryo ku wa 13/08/2018
Itegeko rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri……..2
N° 58/2018 of 13/08/2018
Law on mining and quarry operations……2
N° 58/2018 du 13/08/2018
Loi portant exploitation des mines et carrières……..2

ITEGEKO N° 58/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIGENGA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

LAW N° 58/2018 OF 13/08/2018 ON MINING AND QUARRY OPERATIONS

LOI N° 58/2018 DU 13/08/2018 PORTANT EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Ingingo ya 4: Amahame rusange

Ingingo ya 5: Uburenganzira bwa nyir'ubutaka ku hantu hatangiwe uruhushya

Ingingo ya 6: Kugaragaza indiri z'amabuye y'agaciro

Ingingo ya 7: Ishyirwaho rya Komite

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions

Article 3: Scope of this Law

Article 4: General principles

Article 5: Rights of land owner in a licensed area

Article 6: Demarcation of potential mining areas

Article 7: Establishment of the Committee

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Définitions

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Article 4: Principes généraux

Article 5: Droits du propriétaire foncier sur une zone sous permis

Article 6: Localisation des zones potentielles des minéraux

Article 7: Création du Comité

UMUTWE WA II: URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO	**CHAPTER II: MINERAL LICENCE**	**CHAPITRE II: PERMIS MINIER**
Ingingo ya 8: Ubwoko bw'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 8: Types of mineral licences**	**Article 8: Types des permis miniers**
Ingingo ya 9: Ingano y'ahatangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 9: Size of a mineral licence area**	**Article 9: Dimension d'un périmètre sous permis minier**
Ingingo ya 10: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 10: Mineral licence application**	**Article 10: Demande d'un permis minier**
Ingingo ya 11: Guhabwa uruhushya binyuze mu ipiganwa risesuye	**Article 11: Acquiring mineral licence through open tender**	**Article 11: Acquisition d'un permis minier à travers l'appel d'offres ouvert**
Ingingo ya 12: Itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 12: Granting of a mineral licence**	**Article 12 : Octroi d'un permis minier**
Ingingo ya 13: Ibibujijwe mu itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 13: Restrictions on the granting of a mineral licence**	**Article 13: Restrictions à l'octroi d'un permis minier**
Ingingo ya 14: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara	**Article 14: Duration of a mineral licence**	**Article 14: Durée d'un permis minier**
Ingingo ya 15: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 15: Application for renewal of a mineral licence**	**Article 15: Demande de renouvellement d'un permis minier**
Ingingo ya 16: Kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 16: Renewal of a mineral licence**	**Article 16: Renouvellement d'un permis minier**
Ingingo ya 17: Guhererekanya uruhushya	**Article 17: Transfer of a mineral licence**	**Article 17: Transfert du permis minier**

rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Ingingo ya 18: Ibisabwa mu guhererekanya uruhushya	**Article 18: Requirements for the transfer of the licence**	**Article 18: Exigences pour le transfert du permis**
Ingingo ya 19: Icyemezo ku busabe bwo guhererekanya uburenganzira ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 19: Decision on the application for transfer of mineral rights**	**Article 19: Décision sur la demande de transfert de droits miniers**
Ingingo ya 20: Uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro	**Article 20: Mineral processing licence**	**Article 20: Permis de traitement des minéraux**
Ingingo ya 21: Uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro	**Article 21: Mineral trading licence**	**Article 21: Permis de commerce des minéraux**
Ingingo ya 22: Kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete y'ubucuruzi afitanye isano n'uwahawe uruhushya	**Article 22: Sale of minerals to affiliated companies**	**Article 22: Vente des minéraux aux sociétés commerciales affiliées**

UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UWAHAWE URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO	**CHAPTER III: RIGHTS AND DUTIES OF THE HOLDER OF A MINERAL LICENCE**	**CHAPITRE III: DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UN PERMIS MINIER**
Ingingo ya 23: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka	**Article 23: Rights of the holder of an exploration licence**	**Article 23: Droits du titulaire d'un permis d'exploration**
Ingingo ya 24: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka	**Article 24: Duties of the holder of an exploration licence**	**Article 24: Obligations du titulaire du permis d'exploration**
Ingingo ya 25: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro	**Article 25: Rights of the holder of a mining licence**	**Article 25: Droits du titulaire d'un permis d'exploitation minière**
Ingingo ya 26: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro	**Article 26: Duties of the holder of a mining licence**	**Article 26: Obligations du titulaire d'un permis d'exploitation minière**
Ingingo ya 27: Inshingano z'umwihariko z'uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro afite imirasire yangiza	**Article 27: Special duties relating to the holder of a radioactive minerals mining licence**	**Article 27: Obligations particulières relatives au titulaire d'un permis d'exploitation des minéraux radioactifs**
Ingingo ya 28: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 28: Relinquishment of a mineral licence area**	**Article 28: Renonciation à un périmètre sous permis minier**
Ingingo ya 29: Inyandiko na raporo bijyanye n'ikurwaho cyangwa irangira ry'uruhushya rwo gushakashaka amabuye y'agaciro	**Article 29: Records and reports relating to the cancellation or expiration of an exploration licence**	**Article 29: Documents et rapports relatifs à l'annulation ou à l'expiration d'un permis d'exploration minière**

UMUTWE WA IV: URUHUSHYA RWA KARIYERI	**CHAPTER IV: QUARRY LICENCE**	**CHAPITRE IV: PERMIS DE CARRIÈRE**
Ingingo ya 30: Ubwoko bw'impushya za kariyeri	**Article 30: Types of quarry licences**	**Article 30: Types des permis de carrière**
Ingingo ya 31: Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri	**Article 31: Application for a quarry licence**	**Article 31: Demande d'un permis d'exploitation de carrière**
Ingingo ya 32: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri rumara	**Article 32: Duration of a quarry licence**	**Article 32: Durée d'un permis d'exploitation de carrière**
Ingingo 33: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri	**Article 33: Renewal of a quarry licence**	**Article 33: Renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière**
Ingingo ya 34: Ihererekanya ry'uruhushya rwa kariyeri	**Article 34: Transfer of a quarry licence**	**Article 34: Transfert d'un permis de carrière**
Ingingo ya 35: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwa kariyeri	**Article 35: Rights of the holder of a quarry licence**	**Article 35: Droits du titulaire d'un permis de carrière**
Ingingo ya 36: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwa kariyeri	**Article 36: Duties of the holder of a quarry licence**	**Article 36: Obligations du titulaire d'un permis de carrière**
Ingingo ya 37: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri	**Article 37: Relinquishment of a quarry licence area**	**Article 37: Renonciation à un périmètre sous permis d'exploitation de carrière**
Ingingo ya 38: Ibangikana ry'uruhushya rwa kariyeri n'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 38: Coexistence of a quarry licence and a mining licence**	**Article 38: Coexistence d'un permis d'exploitation de carrière et d'un permis d'exploitation minière**

UMUTWE WA V: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, UBUZIMA N'UMUTEKANO	**CHAPTER V: ENVIRONMENT PROTECTION, HEALTH AND SAFETY**	**CHAPITRE V: PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT, SANTÉ ET SÉCURITÉ**
Ingingo ya 39: Iyubahirizwa ry'amategeko agenga ibidukikije	**Article 39: Complying with environmental laws**	**Article 39: Conformité aux lois en matière d'environnement**
Ingingo ya 40: Gusana ahantu hangijwe	**Article 40: Rehabilitation of damaged areas**	**Article 40: Remise en état des périmètres endommagés**
Ingingo ya 41: Gahunda y'isubiranya	**Article 41: Rehabilitation plan**	**Article 41: Plan de réhabilitation**
Ingingo ya 42: Ingwate yo gusana ibidukikije	**Article 42: Environmental rehabilitation guarantee**	**Article 42: Caution de réhabilitation de l'environnement**
Ingingo ya 43: Ubuzima n'umutekano by'abakozi n'abandi bantu	**Article 43: Health and safety of workers and other persons**	**Article 43: Santé et sécurité des travailleurs et d'autres personnes**
Ingingo ya 44: Gukoresha intambi mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri	**Article 44: Use of dynamites in mining and quarry operations**	**Article 44: Usage de dynamites dans les opérations de mines et carrières**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZEREKEYE IMARI	**CHAPTER VI: FINANCIAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI : DISPOSITIONS RELATIVES AUX FINANCES**
Ingingo ya 45: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 45: Annual financial statement**	**Article 45: Rapport annuel des états financiers**
Ingingo ya 46: Ibitabo by'ibaruramari	**Article 46: Books of accounts**	**Article 46: Livres comptables**
Ingingo ya 47: Umusoro n'amahoro ku mabuye y'agaciro cyangwa kariyeri	**Article 47: Minerals or quarry taxes and royalties**	**Article 47: Taxes et redevances sur les minéraux ou carriers**

Ingingo ya 48: Amafaranga yishyurwa kuri serivisi z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri	**Article 48: Mining or quarry service fees**	**Article 48: Frais des services relatifs aux activités minières ou de carrières**
Ingingo ya 49: Ishoramari rya Leta	**Article 49: Government investment**	**Article 49: Investissement de l'État**
UMUTWE WA VII: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	**CHAPTER VII: BREACHES AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS**	**CHAPITRE VII: FAUTES ET SANCTIONS ADMINISTRATIVES**
Ingingo ya 50: Kutagaragaza inkomoko y'amabuye y'agaciro	**Article 50: Failure to indicate the origin of minerals**	**Article 50: Défaut d'indiquer l'origine des minéraux**
Ingingo ya 51: Kudatanga raporo, kubika ibyangombwa, guhagarika ibikorwa no kudateresha imbago	**Article 51: Failure to submit report, keeping documents, suspending activities and failure to fix boundaries**	**Article 51: Défaut de soumettre le rapport, conservation des documents, suspension des activités et non-fixation des bornes**
Ingingo ya 52: Kutishyura amafaranga asabwa, umutekano n'ubwishingizi by'abakozi no kwangira ubuyobozi kugera ahakorerwa imirimo	**Article 52: Failure to pay the required fees, security and insurance of employees and refusing access to authorities in operations area**	**Article 52: Non-paiement de frais requis, sécurité et assurance des employés et refus à l'administration l'accès aux lieux des travaux**
Ingingo ya 53: Kudatangira ibikorwa, kudakora imirimo y'ibanze, gukoresha uburiganya bugamije guhabwa uruhushya no kudakosora ibyatumye ahagarikwa by'agateganyo	**Article 53: Failure to start operations and carry out minimum work, use of fraud to obtain a licence and failure to remedy causes of provisional suspension**	**Article 53: Non-démarrage des opérations, non-exécution des travaux minimum, manœuvres frauduleuses visant à obtenir un permis et défaut de remédier aux causes de suspension provisoire**
UMUTWE WA VIII: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER VIII: OFFENCES AND PENALTIES**	**CHAPITRE VIII: INFRACTIONS ET PEINES**
Ingingo ya 54: Gukora ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri nta ruhushya	**Article 54: Undertaking mining or quarry operations without a licence**	**Article 54: Entreprendre des opérations minières ou de carrières sans permis**

Ingingo ya 55: Kudakurikiza ibipimo ngenderwaho	**Article 55: Non-compliance with standards**	**Article 55: Non-conformité aux normes**
Ingingo ya 56: Kwimura, kwangiza, gukuraho cyangwa kurenga imbago z'uduce twatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri	**Article 56: Displacement, destruction, removal or crossing the demarcation features of the mineral or quarry licence area**	**Article 56: Déplacement, destruction, enlèvement ou dépassement des bornes du périmètre sous permis minier ou de carrière**
Ingingo ya 57: Gukoresha intambi mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri nta ruhushya.	**Article 57: Use of dynamites in mining or quarry operations without authorisation**	**Article 57: Utilisation des dynamites dans les opérations d'exploitation minière ou de carrières sans autorisation**
Ingingo ya 58: Ubwambuzi bushukana	**Article 58: Fraud**	**Article 58: Escroquerie**
Ingingo ya 59: Gutanga amakuru y'ibinyoma	**Article 59: Providing false information**	**Article 59: Fournir de fausses informations**
Ingingo ya 60: Ibyaha bikozwe n'isosiyete y'ubucuruzi, umuryango, ikigo, ishyirahamwe cyangwa urugaga rw'amashyirahamwe bifite ubuzimagatozi	**Article 60: Offences by a company, an organisation, an institution, an association or a group of associations with legal personality**	**Article 60: Infraction par une société commerciale, une organisation, un établissement, une association ou un collectif d'associations dotés de la personnalité juridique**
UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER IX: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE IX: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 61: Itangwa rya serivisi zerekeye ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri	**Article 61: Provision of services relating to mining and quarry operations**	**Article 61: Prestation de services en rapport avec les opérations d'exploitation minière et de carrière**
Ingingo ya 62: Kugenzura ibikorwa	**Article 62: Inspection of operations**	**Article 62: Inspection des travaux**
Ingingo ya 63: Amasoko y'ibikoresho n'imirimo iboneka mu Gihugu	**Article 63: Procurement of local goods and services**	**Article 63: Passation de marchés des biens et services locaux**

Ingingo ya 64: Gutanga akazi no guhugura abakozi	**Article 64: Recruitment and training of employees**	**Article 64: Emploi et formation des employés**
Ingingo ya 65: Amasezerano n'uwahawe uruhushya	**Article 65: Agreement with the licence holder**	**Article 65: Contrat avec le titulaire de permis**
Ingingo ya 66: Uruhare mu iterambere ry'ahakorerwa ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri	**Article 66: Contribution to the development of the location of the mining or quarry operations**	**Article 66: Participation au développement de l'endroit où les opérations minières ou de carrières sont effectuées**
Ingingo ya 67: Uruhushya rusanzweho	**Article 67: Existing licence**	**Article 67: Permis existant**
Ingingo ya 68: Amateka n'amabwiriza bisanzwe bikurikizwa	**Article 68: Orders and regulations in force**	**Article 68: Arrêtés et règlements en vigueur**
Ingingo ya 69: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 69: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 69: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 70: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranije n'iri tegeko	**Article70: Repealing provision**	**Article 70: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 71: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 71: Commencement**	**Article 71: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°58/2018 RYO KU WA 13/08/2018 RIGENGA UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO NA KARIYERI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 5 Kamena 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 29, iya 35, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Isubiye ku Itegeko nº 13/2014 ryo ku wa 20/05/2014 rigenga ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri;

YEMEJE:

LAW N° 58/2018 OF 13/08/2018 ON MINING AND QUARRY OPERATIONS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 5 June 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 29, 35, 53**,** 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Having reviewed Law nº 13/2014 of 20/05/2014 on mining and quarry operations;

ADOPTS:

LOI N° 58/2018 DU 13/08/2018 PORTANT EXPLOITATION DES MINES ET CARRIÈRES

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 5 juin 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 29, 35, 53**,** 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Revu la Loi nº 13/2014 du 20/05/2014 portant exploitation des mines et carrières;

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1 º **ahacukurwa amabuye y'agaciro:** ahantu hatangiwe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro;

2 º **amabuye afite imirasire yangiza:** amabuye yose afite uburemere ku kigereranyo nibura 0,05% bya iraniyumu cyangwa toriyumu cyangwa imvange ya byombi;

3 º **amabuye y'agaciro:** ibicukurwa bishobora gutunganywa kugira ngo byongererwe agaciro birimo iby'ibyuma n'ibitari ibyuma, ariko hatarimo "hydrocarbons" n'amazi;

4 º **gahunda y'icukurwa ry'amabuye y'agaciro:** gahunda irebana na mine cyangwa kariyeri igaragaza ibikorwa biteganyijwe byo gucukura mine cyangwa

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs mining and quarry operations in Rwanda.

Article 2: Definitions

In this Law, the following terms are defined as follows:

1 º **mining area:** an area for which a mining licence is issued;

2 º **radioactive minerals:** any mineral which contains by weight at least 0.05 % of uranium or thorium or any combination thereof;

3 º **minerals:** substances extracted from the soil which can be processed to increase their economic value and which include metallic and non- metallic substances with the exception of hydrocarbons and water;

4 º **mine development program:** a plan pertaining to a mine or quarry that outlines the anticipated mining or quarry activity schedule, location of all facilities;

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi régit les opérations minières et de carrières au Rwanda.

Article 2: Définitions

Dans la présente loi, les termes repris ci- après sont définis comme suit:

1 º **zone d'opérations minières:** zone pour laquelle un permis d'exploitation minière est octroyé;

2 º **minéraux radioactifs:** tout minéral contenant, en poids, au moins 0,05 % d'uranium ou de thorium ou toute autre combinaison des deux ;

3 º **minéraux:** substances extraites du sol pouvant être traitées en vue d'accroître leur valeur économique et comprenant les substances métalliques et non métalliques à l'exception des hydrocarbures et de l'eau;

4 º **plan d'exploitation de mines:** plan relatif à une mine ou carrières qui montre les grandes lignes des travaux d'exploitation, l'emplacement de toute la

kariyeri, aho imirimo n'inyubako bihererereye;

5 º **gahunda yo kubungabunga ibidukikije**: igenamigambi ryubahiriza ibisabwa byose n'iri tegeko n'andi mategeko arebana no kurengera no kubungabunga ibidukikije;

6 º **gutunganya amabuye y'agaciro:** ibikorwa byo kongerera agaciro amabuye y'agaciro hakoreshejwe uburyo bwa gihanga;

7 º **ibikorwa by'ubushakashatsi:** ibikorwa byo gushakisha amabuye y'agaciro, inganzo z'amabuye y'agaciro, harimo gupima imiterere y'aho ari no kugaragaza ingano n'agaciro k'inganzo z'amabuye y'agaciro;

8 º **ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro:** ibikorwa byo gushakisha, gucukura, gutunganya cyangwa gucuruza amabuye y'agaciro;

9 º **igisimu:** umuferege, umwobo, impuzo cyangwa ibindi byobo byasamye;

10 º **indiri y'amabuye y'agaciro:** agace k'ahantu hazwi hapimwe hakabonekamo amabuye y'agaciro ashobora gucukurwa akabyazwa inyungu;

11 º **indobanywa y'amabuye y'agaciro:**

5 º **environmental management plan:** a plan satisfying all the requirements provided under this Law and other laws for the protection and conservation of the environment;

6 º **mineral processing**: scientific operations for adding value to minerals;

7 º **exploration operations:** activities designed to search for minerals and mineral deposits including the geological survey and assessment of the extent and economic value of mineral deposits;

8 º **mining operations:** activities designed to search, extract, process and trade mineral ores;

9 º **excavation:** trench, pit, shaft or any other open large pit;

10 º **potential mining area:** a part of specific and measured mineral resource that can be economically mined;

11 º **mineral ore samples**: minerals collected

logistique;

5 º **programme de gestion de l'environnement:** plan répondant à toutes les exigences de la présente loi et d'autres lois relatives à la protection et à la sauvegarde de l'environnement;

6 º **traitement des minéraux:** opérations scientifiques d'addition de valeur aux minéraux;

7 º **opérations d'exploration:** activités de recherche de minéraux et de gisements miniers y compris l'étude géologique et l'estimation de l'étendue et de la valeur économique des gisements miniers;

8 º **opérations minières:** activités de recherche, d'extraction, de traitement et de commerce de minerais;

9 º **excavation:** tranchée, fosse, sillon ou autre grande fosse à ciel ouvert;

10 º **zone potentielle des minéraux:** partie d'une ressource minérale spécifique et mesurée pouvant être exploitée économiquement;

11 º **échantillons de minerais:** minéraux

amabuye akuwe mu yandi agenewe isesenguramiterere yifashishwa mu kumenya imiterere y'andi yakuwemo;

12 º **inyigo y'isuzuma ngaruka ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturage:** raporo ku nyigo igaragaza ingaruka umushinga w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri wagira ku bidukikije cyangwa ku mibereho myiza y'abaturage;

13 º **inyungu z'ubwiganze bw'imigabane:** ububasha bw'umuntu ku buryo buziguye cyangwa butaziguye burenze mirongo itanu ku ijana (50%) bwo kuyobora imicungire y'ibikorwa cyangwa ubwiganze bw'imigabane ku bandi;

14 º **kariyeri:** ahantu hatazuye cyangwa igisimu gicukurwamo ibinyabutaka bikoreshwa mu mirimo inyuranye hashingiwe ku miterere n'imimerere yabyo;

15 º **komite:** akanama gashinzwe gusesengura amadosiye asaba impushya no gutanga inama ku muyobozi ubifitiye ububasha;

16 º **mine:** ahantu hakorerwa ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;

from other minerals for the purpose of analyses to determine the quality of other minerals from which they are collected;

12 º **environmental and social impact assessment:** a report on the assessment of the potential environmental and social impacts of a mining or quarry related project;

13 º **controlling interest:** a person's ability to hold, directly or indirectly, more than fifty percent (50%) of the power to direct the management of activities or acquisition of a majority holding;

14 º **quarry:** an open surface or excavation from which geological materials are extracted for use in various works based on their physical and chemical properties;

15 º **committee:** the committee in charge of assessment of applications for licences and advising the competent authority;

16 º **mine:** a place where mining operations are carried out;

prélevés d'un ensemble d'autres minéraux pour que leur qualité soit analysée et donne une idée de la qualité de l'ensemble de minéraux dont ils sont prélevés;

12 º **étude d'impact environnemental et social:** rapport faisant état de l'impact potentiel d'un projet d'exploitation minière ou de carrières sur l'environnement ou le bien-être social;

13 º **intérêt majoritaire:** capacité d'une personne à détenir directement ou indirectement plus de cinquante pourcent (50%) du pouvoir de direction de la gestion des activités ou acquisition d'une participation majoritaire;

14 º **carrière:** une surface ouverte ou une excavation à partir de laquelle des matériaux géologiques sont extraits pour leur utilisation dans différents travaux en fonction de leurs propriétés physiques et chimiques.

15 º **comité:** le comité chargé de l'évaluation des dossiers de demande de permis et de donner des conseils à l'autorité compétente;

16 º **mine:** un endroit où les opérations minières sont effectuées;

17 º**ubucukuzi bwa mine icirirtse:** ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bibarirwa muri icyo cyiciro hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha;

18 º**ubucukuzi bwa mine nini:** ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bibarirwa muri icyo cyiciro hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha;

19 º**ubucukuzi bwa mine nto:** ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bibarirwa muri icyo cyiciro hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko n'Amabwiriza y'Umuyobozi ubifitiye ububasha;

20 º**umukozi ubifitiye ububasha:** umuntu wahawe ububasha n'umuyobozi ubifitiye ububasha mu gukora kimwe mu bikorwa biteganywa n'iri tegeko;

21 º**umuyobozi ubifitiye ububasha**: umuyobozi w'urwego rwa Leta rufite mu nshingano mine na kariyeri;

22 º**uruhushya:** inyandiko itanga uburenganzira bwo gushakisha, gucukura, gutunganya, kugurisha amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

17 º**medium-scale mining:** mining operations that are categorised as such in accordance with the provisions of this Law and Regulations of the competent authority;

18 º**large-scale mining:** mining operations that are categorised as such in accordance with the provisions of this Law and Regulations of the competent authority;

19 º**small-scale mining:** mining operations that are categorised as such in accordance with the provisions of this Law and Regulations of the competent authority;

20 º**authorised officer:** any person authorised by the competent authority to carry out any of the activities provided for by this Law;

21 º**competent authority:** head of the public entity in charge of mines and quarries;

22 º**licence:** a document authorising exploration, mining, processing, selling of minerals or quarry in accordance with the provisions of this Law.

17 º**exploitation minière à moyenne échelle:** opérations minières classées en tant que telles conformément aux dispositions de la présente loi et aux règlements de l'autorité compétente;

18 º**exploitation minière à grande échelle:** opérations minières classées en tant que telles conformément aux dispositions de la présente loi et aux règlements de l'autorité compétente;

19 º**exploitation minière à petite échelle:** opérations minières classées en tant que telles conformément aux dispositions de la présente loi et aux règlements de l'autorité compétente;

20 º**agent autorisé:** toute personne autorisée par l'autorité compétente d'effectuer l'une des activités prévues par la présente loi;

21 º**autorité compétente:** le responsable de l'entité publique ayant les mines et carrières dans ses attributions;

22 º**permis:** document autorisant l'exploration, l'exploitation, le traitement, la vente de minéraux ou produits de carrières conformément aux dispositions de la présente loi.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ibikorwa byerekeye ubushakashatsi, ubucukuzi, ubucuruzi no gutunganya amabuye y'agaciro na kariyeri.

Article 3: Scope of this Law

This Law applies to the activities of exploration, mining, trading and processing of minerals and quarry.

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique aux activités relatives à l'exploration, à l'exploitation, au commerce et au traitement des minéraux et des produits de carrières.

Ingingo ya 4: Amahame rusange

Amahame rusange yerekeye ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri ni akurikira:

1º uburenganzira bwose bwo gutunga no kugenzura ibituruka ku mabuye y'agaciro na kariyeri, biri ku butaka, munsi cyangwa hejuru y'ubutaka bw'u Rwanda bihariwe gusa Leta ariko bitabangamiye uburenganzira umuntu afite ku butaka n'ibyo abutungiyeho;

2º gushakisha, gucukura, gutunganya, gucuruza amabuye y'agaciro bikorwa gusa n'uwabiherewe uruhushya nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

3º gukora ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri bikorwa gusa n'uwabiherewe uruhushya nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

4º umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora kugena kariyeri zimwe na zimwe Leta ifiteho ububasha bwihariye zikoreshwa mu mishinga y'inyungu rusange;

Article 4: General principles

The general principles relating to mining and quarry operations are as follows:

1º all rights of ownership and control of minerals or quarry products in, under or upon any land in Rwanda are vested in the State notwithstanding personal ownership of land and other properties thereof;

2º mineral exploration, exploitation, processing and trading are carried out by a person who has been granted a licence in accordance with this Law;

3º quarry operations are conducted only by a person who has been granted a licence in accordance with this Law;

4º the competent authority may designate certain quarries for exclusive exploitation by the Government for the purposes of carrying out projects in the public interest;

Article 4: Principes généraux

Les principes généraux relatifs aux activités minières et de carrières sont les suivants:

1º tous les droits de propriété et de contrôle des produits minéraux et de carrières se trouvant à la surface, en dessous et au-dessus du sol du Rwanda sont dévolus à l'État sans préjudice du droit de propriété foncière et autres droits y afférant;

2º l'exploration, l'exploitation, le traitement et le commerce minier sont menés par une personne munie d'un permis délivré en vertu de la présente loi;

3º les activités d'exploitation de carrières sont menées seulement par une personne munie d'un permis délivré en vertu de la présente loi;

4º l'autorité compétente peut déterminer certaines carrières dont l'État a le droit exclusif d'exploiter pour les fins des projets d'intérêt général;

5 º uwahawe uruhushya hashingiwe kuri iri tegeko, mbere y'uko atangira ibikorwa bye, ashyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha raporo ku nyigo y'isuzuma ngaruka ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturage yemejwe n'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano zarwo.

5 º the holder of a licence issued under this Law, prior to the commencement of operations, submits to the competent authority an environmental and social impact assessment approved by the relevant public organ.

5 º le titulaire d'un permis délivré conformément à la présente loi, avant de démarrer les activités, soumet à l'autorité compétente, l'étude d'impact environnemental et social approuvé par l'organe public compétent.

Ingingo ya 5: Uburenganzira bwa nyir'ubutaka ku hantu hatangiwe uruhushya

Nyir'ubutaka cyangwa undi wese ubufiteho uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko, abufiteho uburenganzira hashingiwe ku itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda.

Icyakora, iyo ubutaka bugaragayemo amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri, mbere y'uko uwahawe uruhushya atangira ibikorwa bye byo gucukura; nyir'ubutaka cyangwa undi wese ubufiteho uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko agenerwa ingurane ikwiye nk'uko biteganywa n'itegeko ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu y'inyungu rusange.

Article 5: Rights of land owner in a licensed area

The land owner or any other lawful occupier has full rights on that land in accordance with the law governing land in Rwanda.

However, in case there is a discovery of mineral or quarry deposit on any land, the land owner or a lawful occupier is fairly compensated in accordance with the law relating to expropriation in the public interest before the licence holder commences the mining operations.

Article 5: Droits du propriétaire foncier sur une zone sous permis

Le propriétaire ou occupant légitime de la terre a plein droit sur cette terre conformément à la loi portant régime foncier au Rwanda.

Toutefois, lorsqu'un gisement minéral ou de carrières est découvert sur cette terre, le propriétaire foncier ou un occupant légitime a droit à une juste indemnisation conformément à la loi relative à l'expropriation dans l'intérêt public avant que le titulaire du permis ne commence ses activités d'exploitation.

Ingingo ya 6: Kugaragaza indiri z'amabuye y'agaciro

Urwego rwa Leta rufite ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu nshingano zarwo rugaragaza ahagaragaye indiri z'amabuye y'agaciro ashobora gucukurwa ku buryo bubyara inyungu.

Article 6: Demarcation of potential mining areas

The public organ in charge of mining operations demarcates potential mining areas which are economically viable.

Article 6: Localisation des zones potentielles des minéraux

L'organe public ayant l'exploitation des minéraux dans ses attributions identifie les zones potentielles des minéraux qui peuvent être exploités pour générer les intérêts.

Amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha agena amazina y'indiri z'amabuye y'agaciro, ibipimo ndangahantu n'ibisabwa kugira ngo hakorerwe ubushakashatsi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Regulations of the competent authority determine the names of potential mining areas, their geographic coordinates and conditions for mineral exploration and exploitation.

Les règlements de l'autorité compétente déterminent les noms, les coordonnées géographiques et les conditions requises pour l'exploration et exploitation minière.

Ingingo ya 7: Ishyirwaho rya Komite

Hashyizweho Komite ishinzwe gusesengura ubusabe bw'impushya n'ibindi bibazo byose bijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere ya Komite, abayigize n'imikorere yayo.

Article 7: Establishment of the Committee

There is established a committee in charge of assessment of applications for licences and disputes related to mining and quarry operations.

An Order of the Prime Minister determines the structure, membership and functions of the Committee.

Article 7: Création du Comité

Il est créé un comité chargé d'examiner les dossiers de demande de permis et des litiges relatifs aux opérations minières et de carrières.

Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure, la composition et le fonctionnement du Comité.

UMUTWE WA II: URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER II: MINERAL LICENCE

CHAPITRE II: PERMIS MINIER

Ingingo ya 8: Ubwoko bw'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Ubwoko bw'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro zishobora gutangwa hashingiwe kuri iri tegeko ni ubu bukurikira:

1 º uruhushya rwo gushakashaka;

2 º uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro:

a. muri mine nto;

Article 8: Types of mineral licences

Types of mineral licences that may be granted under this Law are the following:

1 º exploration licence;

2 º mining licence:

a. small-scale mining licence;

Article 8: Types des permis miniers

Les types de permis miniers qui peuvent être accordés en vertu de la présente loi sont les suivants:

1 º permis d'exploration;

2 º permis d'exploitation minière:

a. un permis minier à petite échelle;

b. muri mine icirirtse;

c. muri mine nini;

3 º uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro;

4 º uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro.

Umuyobozi ubifiye ububasha ashyiraho amabwiriza yerekeye ibigenderwaho mu gushyira mine mu byiciro.

Ingingo ya 9: Ingano y'ahatangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Ahatangirwa uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ni ahantu hagizwe n'igipande kimwe cyangwa byinshi biri hamwe, kandi buri gipande gitangwa ukwacyo hakurikije igenamigambi ryateguwe. Buri gipande ntikirenza ingano zikurikira:

1 º hegitari magana ane (ha 400) ku ruhushya rwo gushakashaka;

2 º hegitari mirongo itanu (ha 50) ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto;

3 º hegitari ijana (ha 100) ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine icirirtse;

b. medium-scale mining licence;

c. large scale mining licence;

3 º mineral trading licence;

4 º mineral processing licence.

The competent authority makes regulations determining the criteria for categorisation of mines.

Article 9: Size of a mineral licence area

The mineral licence area consists of one or more contiguous blocks, and each block is reported on independently in accordance with business plan. The maximum size for each block is as follows:

1 º four hundred hectares (400 ha) for an exploration licence;

2 º fifty hectares (50 ha) for a small-scale mining licence;

3 º one hundred hectares (100 ha) for a medium- scale mining licence;

b. un permis minier à moyenne échelle;

c. un permis minier à grande échelle;

3 º permis de commerce minier;

4 º permis de traitement minier.

L'autorité compétente émet les règlements relatifs aux critères de catégorisation des mines.

Article 9: Dimension d'un périmètre sous permis minier

Le périmètre sous permis minier est composé d'un ou plusieurs blocs contigus dont chacun d'entre eux est rapporté indépendamment conformément au plan d'affaires. Chaque bloc a une dimension maximale comme suit:

1 º quatre cent hectares (400 ha) pour un permis d'exploration;

2 º cinquante hectares (50 ha) pour un permis d'exploitation minière à petite échelle;

3 º cent hectares (100 ha) pour un permis d'exploitation minière à moyenne échelle;

4 º hegitari magana ane (ha 400) ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nini.

4 º four hundred hectares (400 ha) for a large-scale mining licence.

4 º quatre cent hectares (400 ha) pour un permis d'exploitation minière à grande échelle.

<u>Ingingo ya 10</u>: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Ubusabe rw'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bushyikirizwa umuyobozi ubifitiye ububasha.

Uburyo n'ibisabwa mu gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bigenwa n'amabwiriza ashyirwaho n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

<u>Article 10</u>: Mineral licence application

An application for a mineral licence is addressed to the competent authority.

Modalities and requirements for a mineral licence application are determined by regulations issued by the competent authority.

<u>Article 10:</u> Demande d'un permis minier

La demande d'un permis minier est adressée à l'autorité compétente.

Les modalités et conditions requises de demande d'un permis minier sont définies par les règlements émis par l'autorité compétente.

<u>Ingingo ya 11</u>: Guhabwa uruhushya binyuze mu ipiganwa risesuye

Urwego rubifite mu nshingano rushobora guhamagarira abifuza gukora ubushakashatsi cyangwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ahagaragajwe indiri y'amabuye y'agaciro.

Uburyo n'ibisabwa mu ipiganwa bigenwa n'amabwiriza ashyirwaho n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Itegeko rigenga amasoko ya Leta ntirigenga ipiganwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

<u>Article 11:</u> Acquiring mineral licence through open tender

The relevant organ may call for tender to carry out exploration or exploitation of minerals in potential mining areas.

Modalities and requirements for tender are determined by regulations issued by the competent authority.

The law governing public procurement does not apply to the tender provided under Paragraph One of this Article.

<u>Article 11</u>: Acquisition d'un permis minier à travers l'appel d'offres ouvert

L'organe compétent peut lancer un appel d'offres de mener les activités d'exploration ou d'exploitation des minéraux dans les zones potentielle des minéraux.

Les modalités et conditions requises d'appel d'offres sont définies par les règlements émis par l'autorité compétente.

La loi portant réglementation des marchés publics ne s'applique pas à l'appel d'offres prévu à alinéa premier du présent article.

Ingingo ya 12: Itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rutangwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Mu gutanga uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, umuyobozi ubifitiye ububasha ashingira ku myanzuro ya komite.

Imiterere n'ibikubiye mu ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Article 12: Granting of a mineral licence

A mineral licence is granted by the competent authority.

For granting the mineral licence, the competent authority considers the recommendation of the committee.

The format and content of a mineral licence are determined through regulations of the competent authority.

Article 12: Octroi d'un permis minier

Le permis minier est délivré par l'autorité compétente.

L'autorité compétente prend en considération la recommandation du comité lors de l'octroi d'un permis minier.

Le format et le contenu du permis minier sont déterminés par les règlements émis par l'autorité compétente.

Ingingo ya 13: Ibibujijwe mu itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ntirushobora gutangwa ahantu hatangiwe urundi ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro yo mu bwoko bumwe.

Icyakora, ku nyungu z'Igihugu, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora guha undi muntu uruhushya rwo gushakashaka amabuye y'agaciro y'ubundi bwoko ahantu hasanzwe haratangiwe uruhushya.

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro agira uburenganzira bwihariye ku bwoko bw'amabuye yaherewe uruhushya.

Article 13: Restrictions on the granting of a mineral licence

No mineral licence is granted in respect of an area of land covered by another existing mining licence of similar type.

However, the competent authority may, for the purpose of national interests, authorise another person to carry out exploration of other type of minerals in an area already covered by a licence.

A holder of a mineral licence enjoys exclusive mineral rights covered by his or her licence.

Article 13: Restrictions à l'octroi d'un permis minier

Un permis minier ne peut être accordé sur un périmètre faisant l'objet d'un autre permis d'exploitation minière de même type.

Toutefois, aux fins d'intérêts nationaux, l'autorité compétente peut autoriser à toute autre personne d'effectuer l'exploration d'un autre type de minéraux dans un périmètre déjà faisant l'objet d'un permis.

Le titulaire d'un permis minier jouit des droits miniers exclusifs garantis par son permis.

Ingingo ya 14: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara

Uruhushya rwo gushakashaka rumara igihe fatizo kitarenze imyaka ine (4).

Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro rumara igihe fatizo kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara kigenwa hashingiwe ku nyigo na gahunda by'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga byashyikirijwe bikanemezwa n'urwego rubifite mu nshingano.

Article 14: Duration of a mineral licence

An exploration licence is valid for an initial period not exceeding four (4) years.

A mining licence is valid for an initial period not exceeding fifteen (15) years.

The duration of a mineral licence is determined based on a feasibility study and the project implementation program submitted and approved by the relevant organ.

Article 14: Durée d'un permis minier

Un permis d'exploration est valable pour une période initiale ne dépassant pas quatre (4) ans.

Un permis d'exploitation minière est valable pour une période ne dépassant pas quinze (15) ans.

La durée d'un permis minier est déterminée sur base de l'étude de faisabilité et du plan d'exécution du projet soumis et approuvés par l'organe compétent.

Ingingo ya 15: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Inyandiko isaba kongererwa igihe cy'uruhushya rwo gushakashaka amabuye y'agaciro ishyikirizwa umuyobozi ubifitiye ububasha mu buryo bugenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha, igomba kuba irimo:

1º raporo y'ibikorwa by'ubushakashatsi byakozwe kugeza igihe isaba rikorewe n'ikiguzi cyabitanzweho;

2º raporo irambuye y'ibikorwa byakozwe ku gice cy'ahatangiwe uruhushya iherekejwe n'ibyagaragajwe, imibare, isesengura n'ibisobanuro byayo;

Article 15: Application for renewal of a mineral licence

An application for renewal of an exploration licence is submitted to the competent authority in the form prescribed through regulations issued by the competent authority and must include:

1º a report on the exploration operations carried out as of the date of the application and associated costs;

2º a detailed report of the operations carried out over any portion of the licence area accompanied by the results, data, analysis and interpretation thereof;

Article 15: Demande de renouvellement d'un permis minier

La demande de renouvellement d'un permis d'exploration minière est soumise à l'autorité compétente dans la forme prescrite par le règlement émis par l'autorité compétente et doit comprendre:

1º un rapport sur les opérations d'exploration minière réalisées à la date de la demande et les coûts y afférents;

2º un rapport détaillé des opérations effectuées sur une quelconque portion du périmètre visé par le permis accompagné des résultats, des données, de leur analyse et interprétation;

3 º gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu gihe cy'inyongera n'ikiguzi kizabigendaho;

4 º igishushanyo kigaragaza igice gisabirwa kongererwa igihe.

Uruhushya rwo gushakashaka rushobora kongererwa inshuro imwe (1) mu gihe kitarenze imyaka ine(4) kandi uwaruhawe ashobora gusabwa gusubiza igice cy'ahantu hatangiwe uruhushya.

Iyo ari uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro, inyandiko isaba kongererwa igihe ishyikirizwa umuyobozi ubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) mbere y'uko igihe yahawe kirangira kandi igaherekezwa n'ibisobanuro birambuye ku:

1 º ngano y'amabuye y'agaciro azwi, ashobora kuboneka, cyangwa akekwa yemejwe n'impuguke yigenga yishyurwa n'usaba kandi akemezwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha;

2 º mutungo uzashorwa, ikiguzi cy'ibikorwa by'ubucukuzi n'umutungo uzinjizwa mu gihe cy'inyongera;

3 º bikorwa by'ubucukuzi biteganyijwe mu gihe cy'inyongera;

3 º a programme of operations to be carried out during the period of renewal and the estimated cost thereof;

4 º a plan identifying the part of the licence area for which renewal is sought.

An exploration licence may be renewed once for a period not exceeding four (4) years and a licence holder may be requested to relinquish a part of the licensed area.

In case of a mining licence, an application for renewal is submitted to the competent authority within ninety (90) days before the expiration of the licence and includes a statement giving details of:

1 º the proved, estimated or inferred mineral reserves verified by an independent consultant at the cost of the applicant and approved by the competent authority;

2 º capital investment to be made, mining operations costs and revenue forecasts in respect of the period of renewal;

3 º mining operations proposed to be carried out in the period of renewal;

3 º le programme d'activités à réaliser au cours de la période de renouvellement et les coûts y afférents;

4 º un plan indiquant la partie du périmètre du permis pour laquelle le renouvellement est demandé.

Un permis d'exploration peut être renouvelé une (1) fois pour une période ne dépassant pas quatre (4) ans et le titulaire du permis peut être obligé de renoncer à une partie du périmètre faisant objet du permis.

Dans le cas d'un permis d'exploitation minière, une demande de renouvellement est adressée à l'autorité compétente endéans quatre-vingt-dix (90) jours avant l'expiration du permis et doit en outre comprendre une déclaration détaillée sur:

1 º les réserves de minéraux prouvées, estimées ou probables vérifiées par un expert indépendant aux frais du demandeur et approuvées par l'autorité compétente;

2 º le capital à investir, les coûts des opérations minières et les prévisions de recettes au titre de la période de renouvellement;

3 º les opérations minières proposées au cours de la période de renouvellement;

4 º bishobora guhinduka mu buryo bwo gucukura no gutunganya ibyavuye mu bucukuzi;

5 º ngaruka zishobora kuba ku mibereho y'abaturage cyangwa ku bidukikije n'ingamba ziteganywa kugira ngo zikurweho n'ingurane ziteganywa.

Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rushobora kongererwa inshuro zirenze imwe iyo bibaye ngombwa ariko buri nshuro ntirenze imyaka cumi n'itanu (15).

Iyo uwahawe uruhushya yujuje ibisabwa bivugwa muri iyi ngingo kandi akaba yarashyize neza mu bikorwa gahunda y'ubucukuzi cyangwa iy'ubushakashatsi bw'amabuye y'agaciro, umuyobozi ubifitiye ububasha amwongerera igihe cy'uruhushya.

Ingingo ya 16: Kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bikorwa hahinduwe cyangwa hadahinduwe ibyateganywaga n'uruhushya rusabirwa kongererwa igihe.

Icyemezo ku busabe bwo kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kimenyeshwa mu nyandiko uwasabye mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) ibarwa uhereye igihe ubusabe bwakiriwe.

4 º any expected changes in the method of extraction and processing of mining products;

5 º likely social and environmental impacts as well as proposed mitigation and compensation measures.

The mineral licence is renewable more than one (1) time when considered necessary but each time does not exceed fifteen (15) years.

Where the holder of a licence has satisfied the criteria referred to under this Article and well implemented the programme of mining operations or exploration, the competent authority renews his or her mineral licence.

Article 16: Renewal of a mineral licence

The renewal of a mineral licence is made with or without changes to the terms and conditions of the original licence.

The decision on an application for renewal of mineral licence is notified to the applicant in writing within sixty (60) days from the date of receipt of the application.

4 º les changements prévus dans la méthode d'extraction et de traitement des produits miniers;

5 º les impacts sociaux et environnementaux probables ainsi que les mesures prévues pour y remédier et les indemnisations prévues.

Le permis minier est renouvelable plus d'une (1) fois si nécessaire, mais chaque fois ne dépasse pas quinze (15) ans.

Lorsque le titulaire du permis a satisfait aux critères visés au présent article et a bien exécuté le programme d'exploitation ou d'exploration minière, l'autorité compétente renouvelle son permis minier.

Article 16: Renouvellement d'un permis minier

Le renouvellement du permis minier est effectué avec ou sans modification des termes et conditions du permis faisant l'objet de renouvellement.

La décision sur la demande de renouvellement d'un permis minier est notifiée au demandeur par écrit endéans soixante (60) jours de la réception de la demande.

Iyo uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rurangiye mu gihe icyemezo ku busabe bwo kurwongerera igihe kitarafatwa, usanganywe uruhushya akomeza gukora ibikorwa bye by'ubucukuzi kugeza igihe icyo cyemezo gifashwe kandi kikamenyeshwa uwasabye.

In case a mineral licence expires before a decision on mining licence application for renewal is made, the licence holder is entitled to continue the mineral operations until a decision is made and notified to the applicant.

Lorsqu'un permis minier arrive à terme avant que la décision sur la demande de renouvellement ne soit prise, le titulaire continue à effectuer ses opérations minières jusqu'à ce que la décision sur sa demande soit prise et notifiée au demandeur.

Iyo ubusabe bwo kongerera igihe uruhushya butemewe, usanganywe uruhushya ahabwa igihe cyo guhagarika ibikorwa bye kigenwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

In the event of a refusal to renew the licence, the licence holder is given a notice period determined by the competent authority to close the mineral operations.

En cas de refus de la demande de renouvellement d'un permis minier, le titulaire du permis bénéficie d'un préavis déterminé par l'autorité compétente pour clôturer ses opérations.

Ingingo ya 17: Guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Article 17: Transfer of a mineral licence

Article 17: Transfert du permis minier

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro afite uburenganzira bwo guhererekanya urwo ruhushya atanga imigabane ye yose cyangwa igice cyayo.

A mineral licence holder has the right to transfer the licence through assigning all or part of his or her shares.

Un titulaire de permis minier a le droit de transférer ce permis en cédant tout ou partie de ses actions.

Icyakora, mbere yo guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, urufite agomba kubisabira uburenganzira mu nyandiko umuyobozi ubifitiye ububasha.

However, before the transfer of a licence, the licence holder must apply in writing for the authorisation of the competent authority.

Toutefois, avant le transfert du permis, le titulaire d'un permis minier doit demander l'autorisation par écrit à l'autorité compétente.

Ihererekanya ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku masosiyete adahamagarira rubanda kuguramo imigabane, rigizwe n'ibi bikurikira:

The transfer of a mineral licence of private companies includes the following:

Le transfert du permis minier pour les sociétés privées comprend ce qui suit:

1° itangwa iryo ariryo ryose, igurishwa cyangwa kwikuraho uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku buryo ubwo aribwo bwose;

1 º any form of assignment, sale or any other disposal of a mineral licence;

1° toute forme de cession, de vente ou toute autre aliénation d'un permis minier;

2° igwatiriza ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye yagaciro cyangwa ifatira ry'ingwate y'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;

3° ihererekanya ry'umugabane uwo ariwo wose bikozwe n'umwe cyangwa benshi mu banyamigabane bafite uburenganzira ku ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ihererekanya ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane rigizwe no kwegukana inyungu z'ubwiganze bw'imigabane.

Iyo uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumaze kwandikwa ku muntu mushya binyuze mu ihererekanya, uwegukanye uruhushya niwe uhabwa uburenganzira, inshingano n'ibindi byasabwaga gukorwa n'uwahererekanyije uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

<u>Ingingo ya 18</u>: Ibisabwa mu guhererekanya uruhushya

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wifuza guhererekanya urwo ruhushya asabwa kuzuza ibi bikurikira:

1 º ibaruwa isaba yanditswe n'usanganywe uruhushya rusabirwa ihererekanya, amenyesha ko yifuza kuruhererekanya;

2 º the pledge of a mineral licence or seizure of the pledged mineral licence;

3 º the transfer of any share by one or more shareholders having rights on a mineral licence.

The transfer of mineral licence for public companies consists of acquiring the controlling interest.

Upon registration of the mineral licence in the name of the new holder following a transfer, the rights, responsibilities and other obligations of the transferor immediately pass to the transferee.

<u>Article 18</u>: Requirements for the transfer of the licence

A mineral licence holder wishing to transfer that licence is required to provide the following:

1 º a written application by the holder of the licence indicating the holder's intention to transfer the licence;

2° mise en gage d'un permis minier ou rétention d'un permis minier mis en gage;

3° le transfert de toute action par l'un ou plusieurs actionnaires possédant les droits sur un permis minier.

Le transfert du permis minier pour les sociétés publiques consiste dans l'acquisition des intérêts majoritaires.

Lorsque le permis minier est enregistré au nom d'un nouvel acquéreur par voie de transfert, les droits, les responsabilités et d'autres obligations du cédant passent immédiatement au cessionnaire.

<u>Article 18</u>: Exigences pour le transfert du permis

Le titulaire d'un permis minier ayant l'intention de transférer ce permis doit remplir les conditions suivantes:

1 º la lettre de demande écrite par le titulaire du permis faisant l'objet de demande de transfert spécifiant son intention de transférer le permis;

2 º inyandikomvugo y'inama y'abanyamigabane cyangwa abanyamuryango yemera ihererekanya yakorewe imbere ya Noteri wemewe na Leta;	2 º minutes of the meeting held by the shareholders or members approving the transfer made in the presence of the Notary authorised by the Government;	2 º le procès-verbal de la réunion des actionnaires ou membres approuvant le transfert établi devant le Notaire agréé par l'État;
3 º umwirondoro w'uwegurirwa uruhushya n'uburambe bwe mu bijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;	3 º a profile of the transferee and the transferee's experience in the mining sector;	3 º le profil du cessionnaire et son expérience dans le secteur minier;
4 º icyemezo cy'iyandikisha cy'isosiyete y'ubucuruzi isabirwa kwegurirwa uruhushya;	4 º a certificate of registration of the transferee company;	4 º le certificat d'enregistrement de la société commerciale cessionnaire;
5 º icyemezo kigaragaza ko uwari usanganywe uruhushya yishyuye imisoro iteganywa n'amategeko;	5 º tax clearance certificate for the transferor;	5 º l'attestation de non créance du cédant;
6 º inyandiko igaragaza agaciro k'ibihererekanywa hagati y'usanganywe uruhushya n'usabirwa kurwegurirwa;	6 º a document indicating the value of the transaction between the transferor and the transferee;	6 º un document indiquant la valeur de la transaction entre le cédant et le cessionnaire;
7 º inyandiko igaragaza niba hari isano hagati y'usanganywe uruhushya n'usabirwa kurwegurirwa cyangwa n'ibindi bahuriyeho mu bucuruzi;	7 º a document disclosing any other relations between transferor and transferee or other common business interest;	7 º un document identifiant toute autre relation entre le cédant et le cessionnaire ou autre intérêt commercial commun;
8 º inyandiko igaragaza ko usabirwa kwegurirwa uruhushya azubahiriza inshingano z'uwari urusanganywe.	8 º a document indicating the transferee's commitment to uphold the transferor's obligations.	8 º un document indiquant l'engagement du cessionnaire d'accomplir les obligations du cédant.

Ingingo ya 19: Icyemezo ku busabe bwo guhererekanya uburenganzira ku bucukuzi bw'amabuye y'agaciro	**Article 19: Decision on the application for transfer of mineral rights**	**Article 19: Décision sur la demande de transfert de droits miniers**
Icyemezo ku busabe bwo guhererekanya uburenganzira bw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kimenyeshwa mu nyandiko uwasabye mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) ibarwa uhereye igihe ubusabe bwakiriwe.	The decision on the application for transfer of mineral rights is notified to the applicant in writing within sixty (60) days from the date of receipt of the application.	La décision sur la demande de transfert de droits miniers est notifiée par écrit au demandeur endéans soixante (60) jours de la réception de la demande.
Ingingo ya 20: Uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro	**Article 20: Mineral processing licence**	**Article 20: Permis de traitement des minéraux**
Uretse aho iri tegeko ribiteganya ukundi, gutunganya amabuye y'agaciro bisabirwa uruhushya rutangwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.	Except otherwise provided in this Law, mineral processing licence granted by the competent authority is required.	Sauf si la présente loi en dispose autrement, un permis de traitement de minéraux délivré par l'autorité compétente est requis.
Ibikubiye mu ruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro n'uburyo rutangwa bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.	The content of a mineral processing licence and modalities for its granting are determined through regulations issued by the competent authority.	Le contenu d'un permis de traitement des minéraux et les modalités de sa délivrance sont déterminés par le règlement émis par l'autorité compétente.
Ingingo ya 21: Uruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro	**Article 21: Mineral trading licence**	**Article 21: Permis de commerce des minéraux**
Gucuruza amabuye y'agaciro bisabirwa uruhushya rutangwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.	Trade in minerals requires a mineral trading licence granted by the competent authority.	Le commerce des minéraux requiert un permis de commerce des minéraux délivré par l'autorité compétente.
Ibikubiye mu ruhushya rwo gucuruza amabuye y'agaciro n'uburyo rutangwa bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.	The content of a mineral trading licence and modalities for its granting are determined through regulations issued by the competent authority.	Le contenu d'un permis de commerce des minéraux et les modalités de sa délivrance sont déterminés par les règlements émis par l'autorité compétente.

Ingingo ya 22: Kugurisha amabuye y'agaciro ku masosiyete y'ubucuruzi afitanye isano n'uwahawe uruhushya

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ashobora kugurisha amabuye y'agaciro gusa ku masosiyete y'ubucuruzi bafitanye isano iyo igiciro ahabwa kingana nibura n'icyo yabona agurishije ku bandi baguzi badafitanye isano kandi hubahirijwe izindi ngingo mu masezerano yakorwa hatitawe ko impande zombi zifitanye isano.

Iyo bigaragaye ko uwahawe uruhushya agurisha amabuye y'agaciro ku giciro kiri hasi cyane ugereranyije n'igiciro kiri ku isoko mpuzamahanga, umuyobozi ubifitiye ububasha cyangwa umuyobozi w'ikigo gishinzwe imisoro ashobora gushingira ku giciro kiri ku isoko mpuzamahanga mu gihe cyo kugena agaciro kayo.

Article 22: Sale of minerals to affiliated companies

The holder of a mineral licence may sell minerals to his or her affiliated companies only at prices at least equivalent to the prices that would be obtained in arm's length sales to non-affiliated purchasers and in accordance with such other terms and conditions of agreements that would be made regardless of the affiliation of both parties.

Where a licence holder sells any minerals at a lower price compared to the price determined by the international market, the competent authority or tax administrator may use the price determined by the international market for determining their value.

Article 22: Vente des minéraux aux sociétés commerciales affiliées

Le titulaire d'un permis minier peut vendre les minéraux à ses sociétés commerciales affiliées seulement à des prix au moins équivalents aux prix qui seraient obtenus dans des conditions de pleine concurrence à des acheteurs non-affiliés et conformément aux autres conditions et modalités des accords qui seraient faits sans tenir compte de l'affiliation des deux parties.

Lorsque le titulaire d'un permis vend les minéraux au prix inférieur par rapport au prix fixé par le marché international des minéraux, l'autorité compétente ou l'administrateur fiscal peut se baser sur le prix fixé par le marché international pour déterminer leur valeur.

UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UWAHAWE URUHUSHYA RW'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO

CHAPTER III: RIGHTS AND DUTIES OF THE HOLDER OF A MINERAL LICENCE

CHAPITRE III: DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D'UN PERMIS MINIER

Ingingo ya 23: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka afite uburenganzira busesuye bwo:

1 º gushakisha amabuye y'agaciro yaherewe uruhushya;

Article 23: Rights of the holder of an exploration licence

The holder of an exploration licence has the full right to:

1 º explore minerals in respect of which the licence is granted;

Article 23: Droits du titulaire d'un permis d'exploration

Le titulaire d'un permis d'exploration a plein droit de:

1º explorer les minéraux qui font l'objet de son permis;

2 º gutobora no gucukura imyobo yakenerwa;	2 º drill boreholes and make such excavations as may be necessary;	2º effectuer des forages et faire des excavations qui s'avèrent nécessaires;
3 º gukura ahantu yaherewe uruhushya, indobanywa y'amabuye y'agaciro kugira ngo agenzurwe, ahabwe agaciro, ariko ingano yayo ntirenze ibipimo bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha;	3 º collect from the exploration licence area mineral samples for the purpose of having them analysed and valued but their quantity should not exceed such limit determined through regulations issued by the competent authority;	3º prendre des échantillons de minéraux dans le périmètre sous permis d'exploration afin de les analyser et les évaluer sans pour autant dépasser les quantités déterminées par le règlement émis par l'autorité compétente;
4 º kubaka inyubako zikenewe;	4 º construct necessary buildings;	4º construire les bâtiments nécessaires;
5 º guhabwa uburenganzira bw'ibanze bwo gusaba uruhushya rw'ubucukuzi kuri buri gice cy'ahantu afitiye uruhushya habonetse amabuye y'agaciro amaze kuzuza ibisabwa mu ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.	5 º receive the primary right to apply for a mineral licence on any portion of the exploration licence area where mineral deposit is discovered upon fulfilling the required conditions for the mineral licence.	5º recevoir le droit primaire de demander un permis minier sur une quelconque portion du périmètre du permis d'exploration où un gisement minier est découvert après avoir rempli les conditions requises stipulées dans le permis minier.

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka wifuza gukora ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro asaba uruhushya umuyobozi ubifitiye ububasha mu minsi mirongo icyenda (90) mbere y'uko uruhushya rwo gushakashaka rurangira.

An exploration licence holder wishing to carry out mining operations applies for authorisation to the competent authority within ninety (90) days before the expiration of the exploration licence.

Le titulaire d'un permis d'exploration qui désire exercer les opérations minières demande l'autorisation auprès de l'autorité compétente endéans quatre-vingt- dix (90) jours avant l'expiration du permis d'exploration.

Iyo uruhushya rwo gushakashaka rurangiye mu gihe icyemezo ku busabe bwo gucukura kitarafatwa, usanganywe uruhushya akomeza gukora ibikorwa bye by'ubushakashatsi kugeza igihe icyo cyemezo gifashwe kandi kikamenyeshwa uwasabye.

In case an exploration licence expires before a decision on mining licence application is made, the licence holder is entitled to continue the exploration operations until the decision is made and notified to the applicant.

Lorsqu'un permis d'exploration arrive à terme avant que la décision sur la demande d'un permis d'exploitation minière ne soit prise, le titulaire continue à effectuer ses opérations jusqu'à ce que la décision sur sa demande soit prise et notifiée au demandeur.

Iyo ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura butemewe, usanganywe uruhushya rwo

In the event of a refusal to grant a mining licence, the licence holder is given a ninety (90) days'

En cas de refus de la demande d'un permis d'exploitation minière, le titulaire bénéficie d'un

gushakashaka ahabwa igihe cy'integuza kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) cyo guhagarika ibikorwa bye.

<u>Ingingo ya 24</u>: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gushakashaka

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka agomba:

1 º gutangira imirimo yo gushakashaka mu minsi mirongo icyenda (90) uhereye umunsi yaherewe uruhushya rwo gushakashaka;

2 º gushyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha buri mezi atandatu (6) raporo yerekana aho imirimo igeze nk'uko byemejwe muri gahunda yo gushakashaka;

3 º guhugura abakozi hakurikijwe ibyemeranyijwe bishyirwa ku mugereka w'uruhushya;

4 º guhita amenyesha umuyobozi ubifitiye ububasha inganzo y'amabuye y'agaciro yavumbuwe ataherewe uruhushya akimara kuyavumbura;

5 º kubika inyandiko zijyanye n'ibikorwa by'ubushakashatsi aho abarizwa mu Rwanda, zerekana ibi bikurikira:

a. imyobo yacukuwe hakoreshejwe gutobora;

notice period to close his or her operations.

<u>Article 24</u>: Duties of the holder of an exploration licence

The holder of an exploration licence must:

1 º commence exploration operations within ninety (90) days from the date of issuance of the exploration licence;

2 º submit a report to the competent authority every six (6) months on the progress of the exploration operations as approved in the mineral exploration plan;

3 º train employees in accordance with terms and conditions attached to the licence;

4 º immediately notify the competent authority of the discovery of any mineral deposit that was not subject to the licence right after such a discovery;

5 º keep records of exploration operations at the holder's address in Rwanda indicating the following:

a. boreholes drilled;

préavis de quatre-vingt-dix (90) jours pour clôturer ses opérations.

<u>Article 24</u>: Obligations du titulaire du permis d'exploration

Le titulaire d'un permis d'exploration doit:

1 º commencer les opérations d'exploration endéans quatre-vingt-dix (90) jours suivant la date de délivrance du permis d'exploration;

2 º soumettre tous les six (6) mois à l'autorité compétente un rapport sur l'avancement des travaux comme stipulé dans le programme d'exploration;

3 º former le personnel conformément aux termes et conditions annexés au permis;

4 º aviser immédiatement l'autorité compétente de la découverte d'un gisement minier non compris dans son permis juste après cette découverte;

5 º garder à son adresse au Rwanda les dossiers des opérations d'exploration qui montrent ce qui suit:

a. les forages réalisés;

b. amoko y'amabuye yagaragaye mu bujyakuzimu n'ibiyaranga;

c. amabuye y'agaciro yavumbuwe;

d. ibisubizo byose byavuye mu bipimo bya jewoshimi na jewofizike by'ubutaka;

e. ibisubizo by'imenyekanisha n'ipimwa ry'amabuye y'agaciro yakuwe ahakorerwa ubushakashatsi kuri iyo mpamvu;

f. ibyavuye mu nyigo y'imiterere y'amabuye nk'uko biteganywa mu gace ka (a) na (e);

g. amafaranga yose yatanzwe kuri gahunda yemeranyijwe y'umwaka ku bikorwa by'ubushakashatsi.

6 º gushyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha buri mwaka, bitarenze iminsi mirongo icyenda (90) nyuma y'itariki ngarukamwaka uruhushya rwatangiweho, raporo yagenzuwe y'amafaranga yakoreshejwe ku mirimo y'ubushakashatsi yemeranyijweho;

7 º kumenyesha umuyobozi ubifitiye ububasha impinduka izo arizo zose ashaka gukora kuri gahunda yo gushakashaka yemeranyijweho. Umuyobozi ubifitiye

b. strata penetrated, with detailed logs of such strata;

c. minerals discovered;

d. all the results of the geochemical and geophysical analysis;

e. the results of identification and analysis of minerals collected from the exploration area for such purposes;

f. the geological interpretation under items (a) and (e);

g. details of the expenditure incurred under the agreed annual plan of mineral exploration operations.

6 º submit to the competent authority, every year, not later than ninety (90) days after each year's date of issuance of the licence, an audited statement of expenditure incurred on agreed exploration operations;

7 º notify the competent authority of any amendments the holder wishes to make to the agreed mineral exploration plan. The

b. les strates pénétrées et leurs diagraphies détaillées;

c. les minéraux découverts;

d. tous les résultats de l'analyse géochimique et géophysique;

e. les résultats de l'identification et de l'analyse des minéraux prélevés de la zone d'exploration à cette fin;

f. l'interprétation géologique en vertu des points (a) et (e);

g. toutes les dépenses effectuées dans le cadre du programme des opérations d'exploration annuel convenu.

6 º soumettre chaque année à l'autorité compétente au plus tard quatre-vingt-dix (90) jours après la date de chaque année à laquelle le permis a été délivré, un état financier audité des dépenses engagées sur les opérations d'exploration convenues;

7 º notifier à l'autorité compétente toutes les modifications qu'il souhaite apporter au programme des opérations d'exploration convenu. L'autorité compétente peut

ububasha ashobora kwemera cyangwa akanga impinduka zifuzwa mu gihe cy'iminsi mirongo itandatu (60) ihereye igihe yashyikirijwe ubwo busabe;

8 º kumenyesha no gushyikiriza urwego rwa Leta rubifite mu nshingano mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), ibimenyetso by'amateka cyangwa ikindi kintu cy'ingenzi cyabonetse mu gihe cy'ibikorwa byo gushakashaka;

9 º gukuraho inyubako z'agateganyo cyangwa ibindi bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo icyenda (90) nyuma y'uko uruhushya rurangiye cyangwa rukuweho;

10 ºgusiba imyobo n'ibisimu byacukukuwe mu ikorwa ry'imirimo cyangwa gushyiraho uburyo bwo kuhacungira umutekano;

11 ºguha umuyobozi ubifitiye ububasha cyangwa umukozi yabihereye ububasha kopi y'inyandiko iyo ariyo yose yakenera.

Ingingo ya 25: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro

Uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro afite uburenganzira bukurikira:

1° gucukura amabuye y'agaciro yaherewe uruhushya, gutunganya, gushongesha, gusukura no gutwara amabuye y'agaciro

competent authority may approve or reject the proposed amendments within sixty (60) days from the date of receipt of the proposal;

8 º notify and submit to the relevant organ, within thirty (30) days, any historical or any other significant object discovered in the course of exploration activities**;**

9 º remove temporary buildings or other facilities within ninety (90) days after expiration or termination of the licence;

10 ºfill back or otherwise make safe any borehole and excavation made during the course of the exploration operations;

11 ºprovide a copy of any document to the competent authority or any authorised officer upon request.

Article 25: Rights of the holder of a mining licence

The holder of a mining licence has the following rights:

1° to mine the minerals under his or her licence, process, melt, refine and transport minerals or mineral products

approuver ou rejeter ces modifications endéans soixante (60) jours de la réception de la demande ;

8 º informer et soumettre à l'organe concerné, endéans trente (30) jours, tout objet historique ou tout autre objet pertinent découvert au cours des activités d'exploration;

9 º enlever les bâtiments temporaires ou toute autre installation endéans quatre-vingt-dix (90) jours après l'expiration ou la révocation du permis;

10 ºfaire le plein de tout trou de forage et excavation effectué au cours des opérations d'exploration ou en assurer la sécurité;

11 ºdonner à l'autorité compétente ou tout autre agent autorisé par lui, une copie de tout document qu'elle demande.

Article 25: Droits du titulaire d'un permis d'exploitation minière

Le titulaire d'un permis d'exploitation minière a les droits suivants:

1º exploiter les minerais faisant l'objet du permis, traiter, fondre, raffiner et transporter les minéraux ou les produits

cyangwa ibiyakomokaho byavuye ahantu yaherewe uruhushya;

2° gushyira aho akorera ibikorwa by'ubucukuzi ibikoresho, inganda, imashini n'inyubako;

3° kugurisha ibikomoka ku bucukuzi byavuye ahantu yaherewe uruhushya.

Uwahawe uruhushya ashobora gusaba umuyobozi ubifitiye ububasha kongererwa ku ruhushya mu gihe cy'iminsi mirongo icyenda (90) ubwoko bw'amabuye yavumbuwe ataherewe uruhushya.

Uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ashobora gusaba umuyobozi ubifitiye ububasha uruhushya rwo kugira ibyo ahindura kuri gahunda y'ubucukuzi.

Ingingo ya 26: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro

Uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro agomba:

1 º gutunganya mine no gucukura inganzo z'amabuye y'agaciro yaherewe uruhushya hakurikijwe gahunda y'ibikorwa by'ubucukuzi yemejwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha na gahunda yo kubungabunga ibidukikije

from the area under his or her licence;

2° to put in place in his or her mining area equipment, plant, machinery and buildings;

3° to sell mineral products recovered from the holder's mining licence area.

A licence holder may apply to the competent authority to add to his or her licence, within ninety (90) days, the discovered minerals not covered by his or her licence.

The holder of a mining licence may apply to the competent authority for the authorisation to make amendments to the mining program.

Article 26: Duties of the holder of a mining licence

The holder of a mining licence must:

1° develop and mine the mineral deposits covered by the licence in accordance with the mine development program approved by the competent authority and the environmental management plan approved by relevant organs;

miniers en provenance de la zone faisant objet de son permis;

2º mettre en place dans sa zone d'exploitation minière les équipements, les installations, les machines et les bâtiments;

3º vendre les produits miniers obtenus de la zone faisant l'objet de son permis minier.

Un titulaire d'un permis d'exploitation minière peut demander à l'autorité compétente, endéans quatre-vingt-dix (90) jours, d'inclure dans son permis les minéraux découverts qui ne sont visés par son permis.

Le titulaire d'un permis d'exploitation minière peut demander à l'autorité compétente d'apporter des modifications au programme d'exploitation minière.

Article 26: Obligations du titulaire d'un permis d'exploitation minière

Le titulaire d'un permis d'exploitation minière doit:

1° développer et exploiter les gisements miniers couverts par le permis conformément à un programme d'activités minières approuvé par l'autorité compétente et un programme de gestion de l'environnement approuvé

yemejwe n'inzego zibishinzwe;

2 º gutangira ibikorwa byo gucukura mine mu gihe kitarenze iminsi ijana na mirongo inani (180) uhereye igihe yaherewe uruhushya;

3 º gushyira imbago mu mbibi z'ahantu hatangiwe uruhushya rwo gucukura;

4 º kubika aho akorera mu Rwanda:

a. inyandiko zuzuye za tekinike zerekana ibikorwa byakozwe mu buryo bwemejwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha;

b. kopi za raporo z'imiterere y'ubutaka zirimo ibisobanuro, ibipimo by'amabuye y'agaciro, amafoto yafatiwe mu kirere, ibipimo by'ibyavuye mu gutobora, imibare y'ibipimo, igeragezwa n'andi makuru ajyanye n'ahantu yaherewe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro;

c. inyandiko zikubiyemo amakuru n'imibare yuzuye kandi y'ukuri y'ikoreshwa ry'amafaranga mu mirimo yo gucukura amabuye y'agaciro n'ibindi bitabo by'ibaruramari n'icungamutungo nk'uko bisabwa n'amategeko

2° commence mining operations within one hundred and eighty (180) days from the date of issuance of the licence;

3° install beacons around the mining licence area;

4° maintain at his or her address in Rwanda:

a. complete technical records of his or her operations in the form prescribed by the competent authority;

b. copies of geological reports with their interpretation, mineral analyses, aerial photographs, core logs, analyses and test results and all other available data in relation to the holder's mining licence area;

c. accurate and systematic financial records of data and figures on mining operations and such other books of accounts and financial records as required by relevant laws. If such holder is engaged in any activity not connected with mining operations, he or she must

2° commencer les activités d'exploitation minière endéans cent quatre-vingt (180) jours à compter de la date de la délivrance du permis;

3° fixer les bornes autour du périmètre visé par le permis d'exploitation minière;

4° garder, à son adresse au Rwanda:

a. les dossiers techniques complets de ses opérations dans la forme prescrite par l'autorité compétente;

b. les copies de rapports géologiques, leur interprétation, les analyses minérales, les photographies aériennes, catalogue des données de forage, les résultats des analyses et des essais et toutes les autres données disponibles en rapport avec le périmètre visé par son permis d'exploitation minière;

c. les registres financiers exacts et systématiques des données et chiffres sur les activités d'exploitation minière et autres livres comptables et registres financiers requis par la législation en la matière. Si le titulaire est engagé dans toute autre activité différente des

abigenga. Iyo uwahawe uruhushya akora indi mirimo idafitanye isano n'imirimo yo gucukura amabuye y'agaciro agomba kugira ibitabo by'icungamutungo byihariye ku mirimo y'ubucukuzi yaherewe uruhushya;

maintain separate books of accounts of operations under such licence;

activités d'exploitation minière, il doit tenir des livres comptables distincts en rapport avec les activités d'exploitation minière visées par son permis;

5º kwemerera umukozi ubifitiye ububasha kugenzura ibitabo n'inyandiko zose zakoreshejwe hakurikijwe ibiteganywa mu gace ka 4º (c) k'iyi ngingo;

5° permit an authorised officer to inspect all the books and records maintained pursuant to the provisions of item 4º (c) of this Article;

5° permettre à un agent autorisé d'examiner tous les livres et registres tenus en application des dispositions du point 4º (c) du présent article;

6º gushyikiriza buri mezi atandatu (6) n'igihe cyose abisabye umuyobozi ubifitiye ububasha, kopi z'ibitabo n'inyandiko zose byakoreshejwe;

6° submit to the competent authority every six (6) months and at any time he or she so requires, copies of such books and records used;

6° remettre à l'autorité compétente, tous les six (6) mois et à tout moment qu'elle le demande, les copies de tous les livres et registres utilisés;

7º gushyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha kopi ya raporo y'ikoreshamutungo ya buri mwaka mu minsi mirongo icyenda (90) uhereye igihe umwaka w'ibaruramari warangiriye, yerekana inyungu cyangwa igihombo cy'umwaka;

7° provide the competent authority with a copy of every annual financial report within ninety (90) days from the end of each financial year showing the profit or loss for the year;

7° transmettre à l'autorité compétente une copie de chaque rapport financier annuel endéans quatre-vingt-dix (90) jours à compter de la fin de chaque exercice financier montrant les pertes ou profits de l'exercice;

8º kumenyesha umuyobozi ubifitiye ububasha:

a. umwaka umwe (1) mbere, iyo ateganya guhagarika burundu ibikorwa akorera muri mine;
b. amezi atandatu (6) mbere, iyo ateganya guhagarika by'agateganyo imirimo yo gucukura;

8° notify the competent authority:

a. one (1) year in advance, if he or she proposes to permanently cease mining operations;
b. six (6) months in advance, if he or she proposes to temporarily suspend mining operations;

8° informer l'autorité compétente:

a. un (1) an à l'avance, s'il envisage de cesser définitivement ses activités d'exploitation minière;
b. six (6) mois à l'avance, s'il envisage de suspendre temporairement les activités d'exploitation minière;

c. amezi atatu (3) mbere, iyo ateganya kugabanya ingano y'imirimo yo gucukura;

c. three (3) months in advance, if he or she proposes to curtail the level of mining operations;

c. trois (3) mois à l'avance, s'il envisage de réduire le niveau des activités d'exploitation minière;

9° kubika no gucunga ibisigazwa hakurikijwe amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha;

9° store and manage mine tailings in accordance with regulations of the competent authority;

9° stocker et conserver les résidus miniers conformément au règlement de l'autorité compétente;

10° guha ingurane ikwiye ku butaka n'indi mitungo byangijwe biturutse ku bikowa by'ubucukuzi muri mine yaherewe uruhushya;

10° provide a fair compensation for damage to land and other property resulting from mining operations in the mine under licence;

10° offrir une juste indemnisation pour les dommages aux terres et aux autres biens résultant d'opérations minières sur la mine sous permis;

11° gukuraho imyanda iva ku mabuye y'agaciro mu buryo bwemewe n'inzego zishinzwe ubuzima n'ibidukikije n'ibipimo ngenderwaho by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;

11° remove waste from minerals through means approved by health and environment organs and in accordance with mining standards;

11° enlever les déchets des minéraux par des moyens approuvés par les organes de santé et d'environnement et conformément aux normes d'exploitation minière;

12° kumenyesha no gushyikiriza urwego rwa Leta rubifite mu nshingano mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30), ibimenyetso by'amateka cyangwa ikindi kintu cy'ingenzi cyabonetse mu gihe cy'ibikorwa by'ubucukuzi.

12° notify and submit to the relevant organ within thirty (30) days, any historical or any other significant object discovered in the course of mining operations.

12° informer et transmettre à l'organe compétent endéans trente (30) jours, tout objet historique ou tout autre objet pertinent découvert au cours des activités d'exploitation minière.

Iyo uwahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro avumbuye inganzo y'ubundi bwoko bw'amabuye y'agaciro ataherewe uruhushya, ahita abimenyesha umuyobozi ubifitiye ububasha.

Where the holder of mining licence discovers any mineral deposit with another type of minerals not covered by his or her licence, he or she immediately notifies the competent authority.

Lorsque le titulaire d'un permis d'exploitation minière découvre un gisement minier avec un autre type de minéraux qui ne sont pas visés par son permis, il en avise immédiatement l'autorité compétente.

Ingingo ya 27: Inshingano z'umwihariko z'uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro afite imirasire yangiza

Gucukura, gutunganya, gutunga, gutwara, kohereza cyangwa gutumiza mu mahanga cyangwa gukora ibindi bikorwa ibyo aribyo byose bijyanye n'amabuye y'agaciro afite imirasire yangiza, bigenwa n'uruhushya rwihariye rutangwa n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro afite imirasire yangiza agomba gushyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha buri cyumweru cya mbere cy'ukwezi raporo yanditse y'ibikorwa byo gushakashaka no gucukura amabuye y'agaciro afite imirasire yangiza yakozwe mu kwezi guheruka.

Article 27: Special duties relating to the holder of a radioactive minerals mining licence

The exploitation, processing, possession, transport, import, export or any other activity related to radioactive minerals are determined by a special licence issued by the competent authority.

The holder of a radioactive minerals licence must in the first week of every month, provide the competent authority with a written report on the operations of exploration and mining of radioactive minerals conducted in the preceding month.

Article 27: Obligations particulières relatives au titulaire d'un permis d'exploitation des minéraux radioactifs

L'exploitation, le traitement, la possession, le transport, l'importation, l'exportation ou toute autre activité liée aux minéraux radioactifs sont déterminés par un permis spécial délivré par l'autorité compétente.

Le titulaire d'un permis d'exploitation des minéraux radioactifs doit dans la première semaine de chaque mois, donner à l'autorité compétente un rapport écrit sur les activités d'exploration et d'exploitation des minéraux radioactifs effectuées dans le mois précédent.

Ingingo ya 28: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Iyo uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ashaka gusubiza ahantu yaherewe uruhushya cyangwa igice cy'aho, agomba:

1 º guha umuyobozi ubifitiye ububasha integuza y'iminsi itari munsi ya mirongo icyenda (90);

2 º kubahiriza ibisabwa byumvikanyweho biri ku mugereka w'uruhushya;

Article 28: Relinquishment of a mineral licence area

The holder of a mineral licence who wishes to relinquish a mining licence area or part of it must:

1° give to the competent authority, not less than ninety (90) days' notice;

2° comply with terms and conditions agreed upon and attached to the mining licence;

Article 28: Renonciation à un périmètre sous permis minier

Le titulaire d'un permis minier qui souhaite renoncer à un périmètre sous permis minier ou une partie de celui-ci doit:

1° donner à l'autorité compétente un préavis d'au moins quatre-vingt-dix (90) jours;

2° se conformer aux termes et conditions convenus se trouvant en annexe du permis d'exploitation minière;

3 º gutanga ikarita n'ibipimo ndangahantu by'aho yiyemeje gusubiza;

4 º gutanga raporo irambuye y'ibikorwa ikubiyemo amakuru ajyanye n'ahantu yiyemeje gusubiza.

Uwahawe uruhushya ushaka gusubiza igice cyangwa ahantu hose, agomba gutanga ibi bikurikira:

1 º icyemezo cyo kuba nta misoro arimo cyatanzwe n'inzego zibishinzwe;

2 º inyandiko yemeza ko nta mwenda abereyemo abakozi itangwa n'ubugenzuzi bw'umurimo mu Karere akoreramo;

3 º gutanga icyemezo cy'isubiranya kigaragaza ko yubahirije gahunda yo kubungabunga ibidukikije cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.

Gusubiza ahantu hari hatangiwe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro bikorwa hatirengagijwe imyenda cyangwa inshingano z'uwahawe uruhushya zirebana n'ahantu hasubijwe mbere y'itariki yo kuhasubiza, kimwe n'inshingano zivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

3° provide a map with coordinates of the area to be relinquished;

4° submit detailed activity reports containing all information relating to the area to be relinquished.

The licence holder wishing to relinquish all or part of a mining area must submit the following:

1° a tax clearance certificate issued by the relevant authority;

2° a document proving that the holder has no liability vis-à-vis his or her employees issued by the labour inspectorate of the District where the operations are carried out;

3° a rehabilitation certificate certifying the compliance with environmental management plan issued by the competent organ.

Relinquishment of a mining licence area is made taking into account any liabilities or duties incurred by the holder in relation to the area relinquished prior to the date of relinquishment as well as obligations imposed under Paragraph 2 of this Article.

3° fournir une carte avec toutes les coordonnées du périmètre auquel il va renoncer;

4° soumettre un rapport d'activités détaillé contenant toutes les informations relatives au périmètre auquel il va renoncer.

Le titulaire d'un permis ayant l'intention de renoncer à une partie ou tout périmètre faisant l'objet du permis doit présenter ce qui suit:

1° une attestation de non créance fiscale délivrée par l'autorité concernée;

2° un document prouvant qu'il n'a aucune créance envers ses employés émis par le service d'inspection du travail au niveau du District où les opérations sont effectuées;

3° un certificat de réhabilitation prouvant la conformité au programme de protection de l'environnement délivré par l'organe compétent.

La renonciation à un périmètre sous permis d'exploitation minière se fait en tenant compte des dettes ou obligations contractées par le titulaire par rapport au périmètre remis avant la date de la renonciation ainsi que des obligations imposées au titre de l'alinéa 2 du présent article.

Ingingo ya 29: Inyandiko na raporo bijyanye n'ikurwaho cyangwa irangira ry'uruhushya rwo gushakashaka amabuye y'agaciro

Inyandiko na raporo by'ubushakashatsi by'amabuye y'agaciro nyuma y'irangira ry'uruhushya rw'ibikorwa byo gushakashaka amabuye y'agaciro ni umutungo w'uwahawe urwo ruhushya.

Icyakora, iyo uruhushya rwo gushakashaka rukuweho cyangwa rurangiye, uwaruhawe ntasabe ko rwongererwa igihe cyangwa ngo asabe uruhushya rw'ubucukuzi, mu gihe cy'imyaka ibiri (2), inyandiko zikubiyemo amakuru na raporo byerekeye urwo ruhushya bihinduka umutungo bwite wa Leta.

Article 29: Records and reports relating to the cancellation or expiration of an exploration licence

Records and reports relating to exploration operations after expiration of an exploration licence belong to the holder of the exploration licence.

However, in case an exploration licence is cancelled or expires and the holder does not apply for renewal or for a mineral licence within two (2) years, all the records and reports in relation to that licence become the property of the State.

Article 29: Documents et rapports relatifs à l'annulation ou à l'expiration d'un permis d'exploration minière

Les documents et rapports relatifs aux opérations d'exploration minière après l'expiration du permis d'exploration minière appartiennent au titulaire du permis d'exploration minière.

Toutefois, en cas d'annulation ou d'expiration d'un permis d'exploration minière et lorsque le titulaire de ce permis ne demande pas le renouvellement ou le permis d'exploitation minière endéans deux (2) ans, les documents et rapports relatifs à ce permis deviennent la propriété de l'État.

UMUTWE WA IV: URUHUSHYA RWA KARIYERI

Ingingo ya 30: Ubwoko bw'impushya za kariyeri

Ubwoko bw'impushya za kariyeri ni ubu bukurikira:

1º uruhushya rwo gucukura kariyeri hadacuruzwa ibiyivuyemo;

2º uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo;

3º uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda.

CHAPTER IV: QUARRY LICENCE

Article 30: Types of quarry licences

Types of quarry licences are as follows:

1 º non-commercial quarry licence;

2 º commercial small-scale quarry licence;

3 º an industrial quarry licence.

CHAPITRE IV: PERMIS DE CARRIÈRE

Article 30: Types des permis de carrière

Les types des permis de carrière sont les suivants:

1 º permis d'exploitation non-commerciale de carrière;

2 º permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle;

3 º permis d'exploitation de carrière industrielle.

Umuyobozi ubifitiye ububasha ashyiraho amabwiriza yerekeye ibigenderwaho mu gushyira kariyeri mu byiciro.

The competent authority makes regulations relating to criteria for categorisation of quarries.

L'autorité compétente émet les règlements relatifs aux critères de catégorisation des carrières.

Ingingo ya 31: Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri

Article 31: Application for a quarry licence

Article 31: Demande d'un permis d'exploitation de carrière

Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda bushyikirizwa umuyobozi ubifitiye ububasha.

An application for an industrial quarry licence is addressed to the competent authority.

La demande d'un permis d'exploitation de carrière industrielle est adressée à l'autorité compétente.

Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo bushyikirizwa Umuyobozi w'Akarere kariyeri ihereyemo, umuyobozi ubifitiye ububasha akagenerwa kopi.

An application for a commercial small-scale quarry licence is addressed to the Mayor of the District where the quarry site is located with a copy to the competent authority.

Une demande d'un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle est adressée au Maire du District où se trouve le site de la carrière et donne copie à l'autorité compétente.

Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo bushyikirizwa Umuyobozi w'Umurenge kariyeri ihereyemo, Umuyobozi w'Akarere akagenerwa kopi.

An application for a non-commercial small-scale quarry licence is addressed to the Executive Secretary of the Sector where the quarry site is located with a copy to the Administrative Head of the District.

Une demande d'un permis d'exploitation de carrière non commerciale est adressée au Secrétaire Exécutif du Secteur où se trouve le site de la carrière et donne copie au chef administratif du District.

Uburyo bwo gusaba n'ibisabwa ku ruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.

The application modalities and requirements of a quarry licence are determined by regulations of the competent authority.

Les modalités de demande et les conditions requises d'un permis d'exploitation de carrière sont déterminées par les règlements émis par l'autorité compétente.

Ingingo ya 32: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri rumara

Article 32: Duration of a quarry licence

Article 32: Durée d'un permis d'exploitation de carrière

Uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo rumara igihe cy'umwaka umwe (1) ushobora kongerwa.

A non-commercial small-scale quarry licence is valid for a period of one (1) year renewable.

Un permis d'exploitation non-commerciale de carrière à petite échelle est valable pour une période d'une (1) année renouvelable.

Uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo rugira agaciro mu gihe cy'imyaka itanu (5) ishobora kongerwa.

Uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda rumara igihe kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) kigenwa hashingiwe ku nyigo y'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wa kariyeri yemejwe n'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano ariko igihe cy'uruhushya gishobora kongerwa.

A commercial small-scale quarry licence is valid for a period of five (5) years renewable.

An industrial quarry licence is valid for period not exceeding fifteen (15) years determined based on the feasibility study of the quarry project approved by the relevant organ but the licence duration is renewable.

Un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle est valable pour une période de cinq (5) ans renouvelable.

Un permis d'exploitation de carrière industrielle est valide pour une période ne dépassant pas quinze (15) ans déterminée sur base de l'étude de faisabilité du projet de carrière approuvée par l'organe compétent mais le permis est renouvelable.

Ingingo 33: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri

Inyandiko isaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri ishyikirizwa umuyobozi bireba nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 31 y'iri tegeko.

Uburyo bwo gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Article 33: Renewal of a quarry licence

The application for renewal of a quarry licence is submitted to the respective authority in accordance with article 31 of this Law.

The application modalities and requirements for the renewal of a quarry licence are determined by regulations of the competent authority.

Article 33: Renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière

La demande de renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière est soumise à l'autorité concernée conformément à l'article 31 de la présente loi.

Les modalités de demande et les conditions requises pour le renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière sont déterminées par les règlements émis par l'autorité compétente.

Ingingo ya 34: Ihererekanya ry'uruhushya rwa kariyeri

Uruhushya rwo gucukurakariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo n'uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda nizo zonyine zishobora guhererekanywa.

Ibisabwa n'uburyo ihererekanywa ry'uruhushya rwa kariyeri zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rikorwa bigenwa n'amabwiriza

Article 34: Transfer of a quarry licence

Only commercial small-scale quarry licence and an industrial quarry licence may be transferred.

The requirements and conditions for transfer of quarry licences referred to under Paragraph One of this Article are determined by regulations of

Article 34: Transfert d'un permis de carrière

Seuls le permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle et le permis d'exploitation de carrière industrielle sont transférables.

Les exigences et les conditions de transfert des permis de carrière visés à l'alinéa premier du présent article sont déterminées par le règlement

y'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Iyo iryo hererekanya rimaze kwandikwa, uwegukanye uruhushya rwa kariyeri niwe ubona uburenganzira kandi akubahiriza inshingano, ibindi bikorwa n'imyenda byabazwaga uwari asanganywe uruhushya.

Ingingo ya 35: Uburenganzira bw'uwahawe uruhushya rwa kariyeri

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo cyangwa kariyeri yo mu rwego rw'inganda afite uburenganzira bwo gushakashaka, gucukura, gutwara, kugurisha, gukoresha, gutunganya no kongerera agaciro ibiyivuyemo.

Uwahawe uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo afite uburenganzira bwo kuyicukura, gutwara no gukoresha ibiyivuyemo.

Ingingo ya 36: Inshingano z'uwahawe uruhushya rwa kariyeri

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri agomba:

1° gutanga raporo nk'uko bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha;

2° gutanga ingurane ikwiye ku butaka n'indi mitungo byangijwe biturutse ku bikorwa bikorerwa muri kariyeri yaherewe

the competent authority.

Upon the registration of the transfer of a quarry licence, the transferee assumes and is responsible for all rights, duties, other activities and liabilities of the transferor under the quarry licence.

Article 35: Rights of the holder of a quarry licence

The holder of a commercial small-scale quarry licence or industrial quarry licence has the right to explore, extract, transport, sell, use, process and add value to products obtained from quarry.

The holder of a non-commercial small-scale quarry licence has the right to extract, transport and use quarry products obtained from quarry.

Article 36: Duties of the holder of a quarry licence

The holder of a quarry licence must:

1 º produce reports as determined by regulations of the competent authority;

2 º provide a fair compensation for damage to land and other property resulting from quarry operations in the licence area;

émis par l'autorité compétente.

Lors de l'enregistrement du transfert d'un permis de carrière, le cessionnaire hérite de tous les droits, obligations, autres activités et responsabilités du cédant en vertu du permis de carrière.

Article 35: Droits du titulaire d'un permis de carrière

Le titulaire d'un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle ou d'exploitation de carrière industrielle a le droit d'explorer, d'extraire, de transporter, de vendre, d'utiliser, de traiter et d'ajouter la valeur aux produits obtenus de la carrière.

Le titulaire d'un permis d'exploitation non-commerciale de carrière a le droit d'extraire, de transporter et d'utiliser les produits obtenus de la carrière.

Article 36: Obligations du titulaire d'un permis de carrière

Le titulaire d'un permis de carrière doit:

1 º produire les rapports déterminés par les règlements émis par l'autorité compétente;

2 º offrir une juste indemnisation pour les dommages aux terres et aux biens résultant d'opérations de carrière sur le

uruhushya;

3° gukora ku buryo ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri bikorwa hubahirizwa ibipimo ngenderwaho by'ubuzima n'umutekano birimo ibipimo ngenderwaho byo kubahiriza ubuzima n'umutekano by'abagore;

4° guteza imbere ibikorwa bigamije kubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo;

5° gutanga imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 37: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri ashobora gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya cyangwa igice cy'aho kandi agomba:

1° guha umuyobozi ubifitiye ububasha cyangwa urwego rwatanze uruhushya rwa kariyeri integuza y'iminsi itari munsi ya mirongo itatu (30) ku ruhushya rwa kariyeri nto idacuruza ibiyivuyemo n'iminsi mirongo itandatu (60) ku zindi mpushya za kariyeri;

2° kubahiriza ibisabwa n'uruhushya rwa kariyeri;

3 º ensure that the quarry operations are carried out in accordance with applicable health and safety standards, including standards necessary to protect the health and safety of women;

4 º promote activities aiming at gender equality and complementarity;

5 º pay taxes and duties in accordance with relevant laws.

Article 37: Relinquishment of a quarry licence area

The holder of a quarry licence may relinquish the whole or part of a quarry licence area and must:

1 º give to the competent authority or the organ that issued the quarry licence, not less than thirty (30) days' notice for non-commercial small-scale quarry and sixty (60) days' notice for other quarry licences;

2 º comply with terms and conditions of the quarry licence;

périmètre sous permis;

3 º s'assurer que les opérations de carrière sont effectuées conformément aux normes de santé et de sécurité applicables, y compris les normes nécessaires pour protéger la santé et la sécurité des femmes;

4 º promouvoir les activités visant à l'égalité et à la complémentarité entre les hommes et les femmes;

5 º payer les impôts et taxes conformément à la législation en la matière.

Article 37: Renonciation à un périmètre sous permis d'exploitation de carrière

Le titulaire d'un permis d'exploitation de carrière peut renoncer à tout ou partie d'un périmètre sous permis de carrière et doit:

1 º donner à l'autorité compétente ou à l'organe qui a délivré le permis d'exploitation de carrière, un préavis d'au moins trente (30) jours pour la carrière non commerciale à petite échelle et un préavis d'au moins soixante (60) jours pour les autres permis d'exploitation de carrière;

2 º se conformer aux termes et conditions du permis de carrière;

3° gutanga raporo irambuye nk'uko bisabwa, irimo amakuru yose ajyanye n'ibikorwa byakorewe ahantu hasubizwa;

4° gutanga ikarita n'ibipimo ndangahantu by'ahasabirwa gusubizwa.

Uwahawe uruhushya rwa kariyeri mbere yo gusubiza ahantu yaherewe uruhushya agomba mu gihe cyagenwe:

1º gutanga icyemezo cy'uko nta misoro arimo cyatanzwe n'inzego zibishinzwe;

2º gutanga icyemezo cy'uko nta myenda abereyemo abakozi cyatanzwe n'ibiro by'ubugenzuzi bw'umurimo mu Karere akoreramo.

Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri ntibigomba kubangamira iyishyurwa ry'imyenda cyangwa inshingano uwahawe uruhushya afite zirebana n'ahantu hasubizwa mbere y'itariki yo kuhasubiza, kimwe n'inshingano ziteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 38: Ibangikana ry'uruhushya rwa kariyeri n'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro

Uruhushya rwa kariyeri n'urw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro zishobora gutangwa ahantu hamwe mu gihe umuyobozi ubifitiye

3 º submit a detailed report as prescribed, containing all information on activities carried out in the relinquished area;

4 º provide a map with coordinates of the area to be relinquished.

The holder of a quarry licence must, within a prescribed period, before relinquishment of a quarry licence area:

1 º submit a tax clearance certificate issued by the relevant authority;

2 º submit a certificate of no debt to the employees issued by the labour inspection department in the District where the holder operates.

The relinquishment of a quarry licence area is made without prejudice to any liabilities or duties incurred by the holder in relation to the area relinquished prior to the date of relinquishment as well as duties imposed under Paragraph 2 of this Article.

Article 38: Coexistence of a quarry licence and a mining licence

A quarry licence and a mining licence may be granted in the same area provided that the competent authority finds that the quarry

3 º transmettre un rapport détaillé tel que prescrit contenant toutes les informations sur les activités menées sur le périmètre renoncé;

4 º fournir une carte avec les coordonnées de la zone à renoncer.

Le titulaire d'un permis d'exploitation de carrière doit, dans un délai prescrit, avant la remise du périmètre sous permis d'exploitation de carrière:

1 º présenter une attestation de non créance fiscale délivrée par l'autorité concernée;

2 º présenter une attestation de non créance envers les employés émise par le service d'inspection du travail du District où il exerce son activité.

La renonciation à un périmètre sous permis de carrière se fait sans préjudice aux dettes ou obligations contractées par le titulaire par rapport au périmètre renoncé avant la date de la renonciation ainsi que les obligations imposées au titre de l'alinéa 2 du présent article.

Article 38: Coexistence d'un permis d'exploitation de carrière et d'un permis d'exploitation minière

Un permis d'exploitation de carrière et un permis d'exploitation minière peuvent être accordés sur le même périmètre à condition que l'autorité

ububasha asanze ibyo bikorwa byombi bitabangamirana.

operations will not interfere with the mining operations.

compétente détermine que les opérations d'exploitation de carrière ne vont pas interférer avec les opérations d'exploitation minière.

UMUTWE WA V: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, UBUZIMA N'UMUTEKANO

CHAPTER V: ENVIRONMENT PROTECTION, HEALTH AND SAFETY

CHAPITRE V: PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT, SANTÉ ET SÉCURITÉ

Ingingo ya 39: Iyubahirizwa ry'amategeko agenga ibidukikije

Hakurikijwe ibivugwa mu ngingo ya 4 agace ka 5º abahawe impushya zikurikira:

1º uruhushya rwo gushakashaka;

2º uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro muri mine nto, icirirtse n'inini;

3º uruhushya rwo gutunganya amabuye y'agaciro;

4º uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo;

5º uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda;

mbere y'uko batangira ibikorwa bagomba gushyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha raporo ku nyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturage yemejwe n'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano.

Article 39: Complying with environmental laws

Under the provisions of Article 4, item 5º, holders of the following licences:

1º exploration licence;

2º small, medium and large scale mining licence;

3º mineral processing licence;

4º commercial small-scale quarry licence;

5º industrial quarry licence;

must, prior to the commencement of any operations, submit to the competent authority a report on the study on environmental impact assessment and social welfare approved by relevant public organ.

Article 39: Conformité aux lois en matière d'environnement

Conformément aux dispositions de l'article 4, point 5º, les titulaires des permis suivants :

1º permis d'exploration;

2º permis d'exploitation minière à petite, moyenne et grande échelle;

3º permis de traitement minier;

4º permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle;

5º permis d'exploitation de carrière industrielle;

doivent, avant de démarrer les activités, soumettre à l'autorité compétente un rapport de l'étude de l'impact environnemental et du bien-être social approuvé par l'organe public compétent.

Ingingo ya 40: Gusana ahantu hangijwe

Uwahawe uruhushya agomba gusana, gusiba imyobo n'ibisimu, gutera ibiti, gukuraho inyubako no kuringaniza ahakorewe ubushakashatsi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri hashingiwe ku nyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije kandi hubahirijwe itegeko ry'ibidukikije.

Article 40: Rehabilitation of damaged areas

The holder of a licence is bound to the rehabilitation, reinstatement of boreholes and excavations, afforestation, removing buildings and levelling, of any part affected by exploration, mining or quarry operations basing on the environmental impact assessment and in compliance with the law on environment.

Article 40: Remise en état des périmètres endommagés

Le titulaire d'un permis doit faire la réhabilitation, la remise en état des trous de forage et des excavations, le reboisement, l'enlèvement des bâtiments et le nivellement du périmètre d'exploration, d'exploitation minière ou de carrière sur base de l'étude d'impact environnemental et en conformité avec la loi sur l'environnement.

Ingingo ya 41: Gahunda y'isubiranya

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka, urwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri agomba kugira gahunda y'isubiranya igaragaza ibikorwa biteganyijwe n'ingengo y'imari igendanye nabyo.

Uwahawe uruhushya akomeza kubazwa ibijyanjye n'iyubahirizwa ry'ibidukikije kugeza ahawe icyemezo cy'isubiranya gitangwa n'urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano zarwo.

Article 41: Rehabilitation plan

The holder of an exploration, mining or quarry licence must have a rehabilitation plan which shows the planned activities and related budget.

A holder of a licence remains liable for environmental protection until a final rehabilitation certificate is issued by the authority in charge of environmental protection.

Article 41: Plan de réhabilitation

Le titulaire d'un permis d'exploration, d'exploitation minière ou de carrière doit avoir un plan de réhabilitation indiquant les activités prévues et le budget y relatif.

Le titulaire d'un permis reste toujours responsable en rapport avec la protection de l'environnement jusqu'à ce qu'il soit muni d'un certificat de réhabilitation émis par l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions.

Ingingo ya 42: Ingwate yo gusana ibidukikije

Uwahawe uruhushya rwo gushakashaka, urwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri agomba gutanga ingwate yo gusana ibidukikije.

Article 42: Environmental rehabilitation guarantee

An exploration, mining or quarry licence holder is required to provide an environmental rehabilitation guarantee.

Article 42: Caution de réhabilitation de l'environnement

Le titulaire d'un permis d'exploration, d'exploitation minière ou de carrière doit fournir la caution de réhabilitation de l'environnement.

Ubwoko, ingano n'uburyo bw'itangwa ry'ingwate yo gusana ibidukikije bigenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.

The nature and amount of environment rehabilitation guarantee and well as modalities for depositing it are determined by regulations of the competent authority.

La nature et le montant de la caution de réhabilitation de l'environnement ainsi que les modalités de son dépôt sont déterminés par les règlements émis par l'autorité compétente.

Ingingo ya 43: Ubuzima n'umutekano by'abakozi n'abandi bantu

Article 43: Health and safety of workers and other persons

Article 43: Santé et sécurité des travailleurs et d'autres personnes

Uwahawe uruhushya agomba:

A holder of a licence must:

Le titulaire d'un permis doit:

1° gukora ku buryo ikirombe gicukurwa, kibungwabungwa kikanafungwa mu buryo butabangamira ubuzima n'umutekano w'abakozi ndetse n'abandi bantu;

1° ensure that the mine is commissioned, maintained and decommissioned in a manner that does not compromise the health and safety of workers and other people;

1° veiller à ce que la mine soit exploitée, entretenue et déclassée de façon que la santé et la sécurité des employés ou de toute autre personne ne soient pas en danger;

2° gukora ku buryo abantu bose bakora muri mine baba bafite ubumenyi n'ubushobozi buhagije bwo gukora akazi kabo mu mutekano no kubungabunga umutekano w'abandi.

2° ensure that all persons working at the mine have the necessary skills, competence and resources to carry out their work safely and to ensure the safety of others.

2° veiller à ce que toutes les personnes travaillant à la mine aient les connaissances, les compétences et les ressources nécessaires pour faire leur travail en toute sécurité et assurer la sécurité d'autrui.

Iyo umukozi ubifitiye ububasha abona ko ibikorwa bishobora kubangamira cyangwa guhungabanya ubuzima n'umutekano by'umuntu, uwo mukozi ashobora gufata icyemezo cyihuse.

Where the authorised officer considers that the operations may compromise or endanger the health and safety of a person, that officer may make an urgent decision.

Lorsque l'agent autorisé estime que les opérations peuvent compromettre ou mettre en danger la santé et la sécurité d'une personne, cet agent peut prendre une décision urgente.

Icyo cyemezo gishobora gutegeka ko icyagaragaye ko cyateza impanuka gikosorwa ako kanya cyangwa mu gihe gito gishoboka cyangwa kigahagarika by'agateganyo ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri kugeza igihe gikosorewe.

Such a decision may require the identified danger to be rectified immediately or within a reasonable time or that the mining or quarry operations be suspended until the danger is rectified.

Une telle décision peut exiger que le danger identifié soit corrigé, soit immédiatement, soit dans le délai raisonnable ou ordonner que les opérations minières ou de carrières soient suspendues jusqu'à ce que le danger soit éliminé.

Iyo uwahawe uruhushya atishimiye icyemezo

The licence holder who is aggrieved by the

Le titulaire d'un permis qui n'est pas satisfait de la

yafatiwe n'umukozi ubifitiye ububasha ashobora kukijurira ku muyobozi w'urwego rwatanze uruhushya.

decision of an authorised officer may appeal against such a decision to the head of the organ which issued the licence.

décision de l'agent autorisé peut faire recours auprès du responsable de l'organe qui a délivré le permis.

Ingingo ya 44: Gukoresha intambi mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri

Article 44: Use of dynamites in mining and quarry operations

Article 44: Usage de dynamites dans les opérations de mines et carrières

Gutumiza mu mahanga, gukora, gutwara, gucuruza, gukoresha intambi mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano ze abisabwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha.

The importation, manufacturing, transportation, trading, use of dynamites in mining and quarry operations require prior authorisation of the Minister in charge of internal security upon the recommendation of the competent authority.

L'importation, la fabrication, le transport, le commerce, l'utilisation des dynamites dans l'exploitation des mines et des carrières requièrent l'autorisation préalable du Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions sur proposition de l'autorité compétente.

Ibisabwa kugira ngo hatangwe uruhushya ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano ze.

Requirements for granting the authorisation referred to under Paragraph One of this Article are determined by an Order of the Minister in charge of internal security.

Les conditions requises pour l'obtention de l'autorisation visée à l'alinéa premier du présent article sont déterminées par un arrêté du Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions.

UMUTWE WA VI: INGINGO ZEREKEYE IMARI

CHAPTER VI: FINANCIAL PROVISIONS

CHAPITRE VI: DISPOSITIONS RELATIVES AUX FINANCES

Ingingo ya 45: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Article 45: Annual financial statement

Article 45: Rapport annuel des états financiers

Uwahawe uruhushya agomba, mu gihe cy'amezi atatu (3) akurikira impera y'umwaka w'ibaruramari, gushyikiriza umuyobozi ubifitiye ububasha n'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro kopi ya raporo y'ibaruramari y'umwaka yagenzuwe hakurikijwe ibipimo ngenderwaho mpuzamahanga mu bijyanye na raporo y'ibaruramari.

The holder of a licence must, within three (3) months following the end of financial year, submit to the competent authority and the Rwanda Revenue Authority a copy of audited annual financial statement of the holder, in accordance with International Financial Reporting Standards.

Le titulaire d'un permis doit, endéans trois (3) mois après la fin de l'exercice fiscal, soumettre à l'autorité compétente et à l'Office Rwandais de Recettes une copie du rapport annuel des états financiers audités, conformément aux normes internationales d'information financière.

Raporo ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntireba uwahawe uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo.

The statement referred to under Paragraph One of this Article does not concern the holder of a non-commercial small-scale quarry licence.

Le rapport visé à l'alinéa premier du présent article ne concerne pas le titulaire de permis d'exploitation non-commerciale de carrière à petite échelle.

Ingingo ya 46: Ibitabo by'ibaruramari

Iyo uwahawe uruhushya akoze ibikorwa bidafitanye isano n'ibikorwa bitangirwa uruhushya muri iri tegeko, agomba kugira ibitabo by'ibaruramari byihariye byerekeranye n'ibikorwa yaherewe uruhushya.

Article 46: Books of accounts

In case the holder of a licence is engaged in any activity not connected with the licensed operations under this Law, the holder must maintain separate books of accounts for licenced operations.

Article 46: Livres comptables

Lorsque le titulaire d'un permis s'est engagé dans les activités différentes de celles dont il a le permis conformément à la présente loi, il doit avoir les livres particuliers de ses activités stipulées dans le permis.

Ingingo ya 47: Umusoro n'amahoro ku mabuye y'agaciro cyangwa kariyeri

Uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa urwo gucukura kariyeri atanga imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 47: Minerals or quarry taxes and royalties

The holder of a mineral or quarry licence pays taxes and other fees in accordance with relevant laws.

Article 47: Taxes et redevances sur les minéraux ou carriers

Le titulaire d'un permis minier ou de carrières paie les taxes et redevances conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 48: Amafaranga yishyurwa kuri serivisi z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri

Amafaranga yose atangwa n'usaba cyangwa uwahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri, gucuruza cyangwa gutunganya amabuye y'agaciro agenwa n'amabwiriza y'umuyobozi ubifitiye ububasha.

Article 48: Mining or quarry service fees

All fees payable by an applicant or a holder of a mineral or quarry licence, mineral trading licence or mineral processing licence are determined by regulations of the competent authority.

Article 48: Frais des services relatifs aux activités minières ou de carrières

Tous les frais payés par le demandeur ou le titulaire d'un permis minier, un permis d'exploitation de carrières, un permis de commerce ou de traitement de minéraux sont fixés par les règlements émis par l'autorité compétente.

Ingingo ya 49: Ishoramari rya Leta

Leta ishobora kugira imigabane mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa

Article 49: Government investment

The Government may acquire on such terms as agreed upon between the holder of a licence and

Article 49: Investissement de l'État

Le Gouvernement peut acquérir, à des conditions qui sont convenues entre le titulaire d'un permis

kariyeri, hakurikijwe ingingo zumvikanyweho hagati y'uwahawe uruhushya na Leta.

UMUTWE WA VII: AMAKOSA N'IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Ingingo ya 50: Kutagaragaza inkomoko y'amabuye y'agaciro

Umuntu wese ufatanywe amabuye y'agaciro atagaragaza inkomoko yayo ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana n'icumi ku ijana (10%) by'agaciro k'ayo mabuye y'agaciro kandi n'ayo mabuye agafatirwa.

Ingingo ya 51: Kudatanga raporo, kubika ibyangombwa, guhagarika ibikorwa no kudateresha imbago

Umuntu wese ukora kimwe muri ibi bikurikira mu gushakisha, gucukura, gutunganya, gucuruza amabuye y'agaciro no gucukura kariyeri:

1° gutanga raporo ukerewe cyangwa gushyira amakuru atari ukuri muri raporo;

2° kubika ibyangombwa byerekeranye n'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri hanze y'ahantu hatangiwe uburenganzira;

3° guhagarika ibikorwa bijyanye n'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri utamenyesheje urwego rwatanze uruhushya;

the Government, shares in mining or quarry operations.

CHAPTER VII: BREACHES AND ADMINISTRATIVE SANCTIONS

Article 50: Failure to indicate the origin of minerals

Any person caught with minerals without proof of their origin is liable to an administrative fine equal to ten per cent (10%) of the value of the minerals and the minerals are confiscated.

Article 51: Failure to submit report, keeping documents, suspending activities and failure to fix boundaries

Any person who, while involved in mineral exploration, exploitation, processing, trading and quarry operations, commits one of the following acts:

1° submitting delayed report or providing wrong information in the report;

2° keeping documents for minerals or quarry outside the authorised area;

